- 1° uwagurishije wiyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro agomba guha uwaguze wiyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro inyandiko y'umwimerere isobanura uko umwenda w'ikirenga w'umusoro ku nyongeragaciro uzagabanywaho. Iyo nyandiko y'umwimerere ishingira ku nyemezabuguzi yakozwe. Ibigomba gushyirwa muri iyo nyandiko biteganywa n'iteka rya Minisitiri;
- 2° umusoresha wiyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro wagurishije ibintu kandi umusoro wakwa kuri ibyo bintu ukaba urenga umubare ugaragara ku nyemezabuguzi

- 1° the value added tax registered seller must give to the Value added tax registered recipient an original credit note showing how the credit on the value added tax will be reduced. The credit note shall be based on the invoice produced. The details of this credit note shall be provided by an Order of the Minister;
- 2° a value added tax registered taxpayer who sold goods while the amount of tax payable exceeds the amount shown on the invoice as the value added tax charged, the supplier must provide the

- 1° le fournisseur enregistré à la taxe sur la valeur ajoutée doit donner au bénéficiaire enregistré à la taxe sur la valeur ajoutée une note de crédit originale montrant comment le crédit sur la taxe sur la valeur ajoutée sera diminué. Cette note de crédit se réfère à la facture établie. Les détails de la note de crédit sont déterminés par un arrêté du Ministre;
- 2° un contribuable enregistré à la taxe sur la valeur ajoutée qui a vendu les biens alors que le montant de la taxe exigible dépasse le montant qui est sur la facture, le fournisseur doit donner au bénéficiaire

nk'umusoro ku nyongeragaciro watswe, uwagurishije agomba guha uwaguze inyandiko y'umwimerere isobanura uko umusoro uzongerwaho. Ibigomba gushyirwa muri iyo nyandiko biteganywa mu Iteka rya Minisitiri.

recipient with an original debit note showing how the tax will be increased. The details of the debit note shall be provided by an Order of the Minister.

une note de débit originale montrant comment cette taxe sera augmentée. Les détails de cette note de débit sont déterminés par Arrêté du Ministre.

Ingingo ya 24: Ikoreshwa ry'imashini z'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi z'ibyacuujwe

Article 24: Use of certified electronic billing machines

Article 24: Utilisation des machines de facturation électronique

Abantu biyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro bafite inshingano yo gukoresha imashini y'ikoranabuhanga yemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro ikoreshwa mu gutanga inyemezabuguzi igaragaza umusoro. Iteka rya Minisitiri rigena imiterere, uburyo n'inshingano bigomba kuba byujujwe mu gukoresha izo mashini.

Value added tax registered persons are obliged to use a certified electronic billing machine that generates invoices indicating the tax as agreed by the tax administration. An Order of the Minister shall determine the design of these machines as well as modalities and conditions to be met in the use of those machines.

Les personnes enregistrées à la taxe sur la valeur ajoutée ont l'obligation d'utiliser une machine de facturation électronique agréée par l'administration fiscale qui imprime des factures mentionnant les taxes. Un Arrêté du Ministre détermine le format de ces machines ainsi que, les modalités et les conditions à observer dans l'utilisation de ces machines.

UMUTWE WA IX : KUMENYEKANISHA NO GUTANGA UMUSORO KU NYONGERAGACIRO

CHAPTER IX: DECLARATION AND PAYMENT OF VALUE ADDED TAX

CHAPITRE IX: DECLARATION ET PAIEMENT DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE

Ingingo ya 25: Kumenyekanisha umusoro ku nyongeragaciro

Article 25: Value added tax declaration

Article 25: Déclarations de la taxe sur la valeur ajoutée

Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'igihe cy'umusoro ku nyongeragaciro, umusoroshwa wiyandikishije agomba gukora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro hakurikijwe impapuro n'uburyo bugenwa na Komiseri Mukuru.

Within fifteen (15) days after the end of the period of the value added tax, a registered taxpayer must submit value added tax declaration, in accordance with forms and formalities determined by the Commissioner General.

Endéans quinze (15) jours après la fin de la période de la taxe sur la valeur ajoutée, le contribuable enregistré doit remettre une déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée, conformément aux formulaires et formalités déterminés par le Commissaire Général.

Ku basoroshwa bafite ibyacuujwe bingana

For taxpayers whose annual turnover is equal to

Pour les contribuables dont le chiffre d'affaires

<p>cyangwa biri minsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana abiri (200.000.000 Frw) ku mwaka, imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro rikorwa buri gihembwe kandi rigatangwa riherekejwe n'ubwishyu bw'umusoro mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) nyuma y'icyo gihembwe.</p>	<p>or less than two hundred million Rwandan francs (200,000,000 Rwf), the value added tax declaration is quarterly and shall be submitted with payment of the tax due within fifteen (15) days after the end of the quarter.</p>	<p>annuel est inférieur ou égal à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 Frws), la déclaration de la TVA est trimestrielle et doit être déposée avec paiement de la taxe due endéans quinze (15) jours après la fin du trimestre.</p>
--	--	---

<p>Icyakora, abasoreshwa bafite ibyacurujwe bingana cyangwa biri minsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana abiri (200.000.000 Frw) ku mwaka babishaka bemerewe gukora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro rya buri kwezi.</p>	<p>However, taxpayers whose annual turnover is equal to or less than two hundred million Rwandan francs (200,000,000 Rwf) who wish may opt for a monthly value added tax declaration.</p>	<p>Toutefois, les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur ou égal à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 Frws) qui le désirent peuvent opter pour la déclaration mensuelle.</p>
--	---	---

<p>Umusoreshwa wiyandikishije agomba gukora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro, yaba yacurujwe, yaba atacurujwe, haba hari umusoro yishyura, yaba asaba gusubizwa umusoro cyangwa ikinyuranyo ari zero.</p>	<p>A registered taxpayer must submit value added tax declaration, whether he/she made sales or not, whether he/she is claiming for refund or whether the difference is zero.</p>	<p>Le contribuable enregistré doit remettre la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée, que ce contribuable ait vendu ou pas, qu'il soit dans la position de restitution ou que la différence soit nulle.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 26: Kwishyura umusoro ku nyongeragaciro</u></p>	<p><u>Article 26: Payment of value added tax</u></p>	<p><u>Article 26: Paiement de la taxe sur la valeur ajoutée</u></p>
---	---	--

<p>Umusoro ku nyongeragaciro utangwa n'umusoreshwa mu gihe cy'isoreshwa ubarwa hakurikijwe ingingo ya 21 y'iri tegeko uba ugomba kwishyurwa kandi ugatangwa ku itariki imenyekanisha rigomba gukorerwaho muri icyo gihe cy'isoreshwa.</p>	<p>The value added tax payable by a taxpayer for a tax period shall be computed in accordance with Article 21 of this Law and it shall be payable on the date of submission of a value added tax declaration for that taxation period.</p>	<p>La taxe sur la valeur ajoutée payable par un contribuable pour une période d'imposition calculée conformément à l'article 21 de la présente loi est exigible et payable à l'échéance pour la soumission de la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée pendant cette période d'imposition.</p>
---	--	---

<p>Umusoro ku nyongeragaciro utangwa n'utumiza uba ugomba kwishyurwa kandi ugatangwa igihe ibintu byatumijwe bigeze mu gihugu.</p>	<p>The value added tax payable by an importer is due and payable when imported goods reach the country.</p>	<p>La taxe sur la valeur ajoutée payable par un importateur est exigible et payable lorsque les biens importés entrent au pays.</p>
--	---	---

Ingingo ya 27: Kwakira umusoro ku nyongeragaciro ku bintu bitumijwe mu mahanga **Article 27: Collection of value added tax on imported goods** **Article 27: Perception de la taxe sur la valeur ajoutée sur les biens importés**

Gutumiza mu mahanga ibintu bisoreshwa bigomba gutangirwa umusoro ku nyongeragaciro kuri gasutamo hakurikijwe itegeko rya gasutamo. Importation of taxable goods is subject to value added tax at the customs point in accordance with the customs legislation. L'importation de biens imposables est soumise au paiement de la taxe sur la valeur ajoutée au poste de douane, conformément à la législation douanière.

UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE

CHAPTER X: MISCELLANEOUS PROVISIONS

CHAPITRE X: DISPOSITIONS DIVERSES

Ingingo ya 28: icyemezo cyo kwiyandikisha

Article 28: Certificate of registration

Article 28: Certificat d'enregistrement

Uwiyandikishije agomba gushyira ahagaragara aho akorera, icyemezo cy'uko yiyandikishije. A registered taxpayer must display the certificate of registration at his/her principal place of business. Le contribuable enregistré est tenu d'afficher à son lieu de travail le certificat d'enregistrement.

Ingingo ya 29: Ikigo n'amashami yacyo

Article 29: Enterprise and subsidiaries

Article 29: Entreprise et succursales

Ibikorwa by'ubucuruzi umusoresha akorera mu mashami atandukanye bifatwa nk'ikigo cy'ubucuruzi kimwe rukumbi ku byerekeye ishyingirwa mu bikorwa ry'iri tegeko. Umuntu ukorera ubucuruzi mu mashami atandukanye afite inshingano yo kwandikisha ubwo bucuruzi mu izina rye aho kubwandikisha mu izina ry'ayo mashami. A taxpayer who manages an enterprise which has subsidiaries is treated as a single enterprise for the purposes of this Law. A person who conducts a business in various subsidiaries of an enterprise is obliged to register the business in his/her name and not in the names of the subsidiaries. Une entreprise gérée par un contribuable et qui comporte des succursales est considérée comme une seule entreprise pour l'application de la présente loi. Une personne qui exploite une entreprise comportant des succursales doit être enregistrée sous son nom et non pas aux noms desdites succursales.

Ingingo ya 30: Amafaranga akoreshwa

Article 30: Currency conversion

Article 30: Conversion monétaire

Amafaranga akoreshwa mu gushyira iri tekego mu bikorwa ni amafaranga y'u Rwanda. The currency used in implementation of this Law is expressed in Rwandan francs. Tout montant en argent pris en compte en vertu de la présente loi doit être exprimé en Franc Rwandais.

Iyo umubare uwo ariwo wose wanditswe If any amount is expressed or paid in a currency Si un montant quelconque est exprimé ou payé en

cyangwa wishyuwe mu mafaranga atari ay'u other than Rwandan francs:
Rwanda:

une monnaie autre que le Franc rwandais:

1° ku bintu bitumijwe mu mahanga, uwo mubare ugomba guhindurwa mu mafaranga y'u Rwanda ku gipimo cy'ivunjisha gikoreshwa hakurikijwe amategeko agenga gasutamo hagamijwe kubara umusoro wa gasutamo wakwa ku bintu bitumijwe mu mahanga;

1° in the case of importation of goods, the amount shall be converted into Rwandan francs at the exchange rate applicable under the Customs legislation for the purposes of computing the customs duty payable on the import;

1° dans le cas d'une importation de biens, le montant doit être converti en Francs rwandais au taux de change applicable conformément à législation douanière pour le calcul de la taxe douanière sur l'importation;

2° ku bindi byose, uwo mubare ugomba guhindurwa mu mafaranga y'u Rwanda ku gipimo gitangwa na Banki Nkuru y'u Rwanda gikoreshwa hagati y'ifaranga ry'amahanga n'ifaranga ry'u Rwanda ku itariki uwo mubare w'amafaranga y'amahanga utangiwe ku byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko.

2° in any other case, the amount is to be converted into Rwandan francs at the National Bank of Rwanda exchange rate applying between the foreign currency and Rwandan franc on the date on which the amount is given for the purposes of this Law.

2° dans tout autre cas, le montant doit être converti en Francs rwandais au taux de change de la Banque Nationale du Rwanda applicable entre la devise étrangère et le franc Rwandais à la date à laquelle ledit montant est pris en compte pour l'application de la présente loi.

Iyo nta gipimo cy'ivunjisha gikurikizwa kiriho ku mafaranga y'amahanga runaka gikoreshwa na Banki Nkuru y'u Rwanda, igipimo gikoreshwa kigomba kubarwa hakurikijwe igipimo Banki Nkuru y'u Rwanda ikoresha ku madolari y'anyamerika, n'igipimo cyashyizwe ahagaragara cy'iryo faranga ry'amahanga rigereranyijwe n'Idolari ry'Abanyamerika.

If there is no existing applicable exchange rate for a certain currency used by the National Bank of Rwanda, the applicable rate shall be computed on the basis of the National Bank's rate for the U.S. Dollar, and a published cross-rate for that currency in question against the U.S Dollar.

Lorsqu'il n'y a pas de taux de change applicable pour la devise en question par la Banque Nationale du Rwanda, le taux doit être calculé sur base du taux de la Banque Nationale du Rwanda pour le Dollar Américain, et un cours croisé publié pour la devise en question par rapport au Dollar Américain.

Ingingo ya 31: Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga

Article 31: Foreign diplomatic missions in Rwanda and international agreements

Article 31: Missions diplomatiques et accords internationaux

Komiseri Mukuru, abisabwe kandi mu gihe asanga ari ngombwa, ashobora kwemera gusubiza igice cy'umusoro ku nyongeragaciro

Upon request and if he/she considers it necessary, the Commissioner General may authorize the refund of part or all of the value

Sur demande et s'il le juge nécessaire, le Commissaire Général peut autoriser le remboursement d'une partie ou de la totalité de la

cyangwa se umusoro wose ku bintu bisoreshwa biguzwe cyangwa bitumijwe mu mahanga na: added tax incurred on goods acquired or imported by: taxe sur la valeur ajoutée encourue en rapport avec une acquisition ou importation imposable par:

- | | | |
|--|---|--|
| <p>1° ambasade cyangwa ibiro by'uhagarariye inyungu z'igihugu runaka mu burucuzi cyangwa abakozi babyo babifitiye ubudahangarwa busesuye cyangwa budasesuye hakurikijwe amategeko agenga abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'itegeko rigenga imibanire hagati y'ibihugu mu rwego rw'ubucuruzi;</p> | <p>1° a diplomatic or consular mission, or by a diplomat or consular official who enjoy full or limited immunity, rights, according to the law governing diplomats accredited to Rwanda as well as the law governing trade cooperation between the countries;</p> | <p>1° une mission diplomatique ou consulaire ou ses agents jouissant d'une immunité totale ou limitée, en vertu de la loi sur les privilèges et immunités diplomatiques ou la loi portant coopération entre les pays en matière de commerce;</p> |
| <p>2° umuryango mpuzamahanga ugengwa na Leta cyangwa Guverinoma y'igihugu cy'amahanga, ku rwego bikenewe hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga.</p> | <p>2° a governmental international organisation or foreign Government to the extent required under an international agreement.</p> | <p>2° une organisation gouvernementale internationale ou un gouvernement étranger, dans la mesure requise en vertu d'un accord international.</p> |

Gusaba gusubizwa amafaranga nk'uko biteganyijwe muri iyi ngingo, bigomba gukorerwa ku rupapuro rwuzuzwa rwemejwe mu buryo bwagenwe na Komiseri Mukuru kandi rugaherekezwa n'inyandiko za ngombwa Komiseri Mukuru ashobora gutegeka gushyikirizwa. Zimwe muri izo nyandiko ni :

The application for a refund under this article must be made on the approved form and in the manner prescribed by the Commissioner General and be accompanied by supporting documents as the Commissioner General may require. Some of such documents are the following:

La demande de remboursement en vertu du présent article doit être faite dans la forme approuvée et de la manière prescrite par le Commissaire Général et doit être accompagnée des documents à l'appui que le Commissaire Général peut exiger. Ces documents sont notamment les suivants:

- | | | |
|---|---|---|
| <p>1° ikimenyetso kigaragaza ko umusoro ku nyongeragaciro usabirwa gusubizwa wabayeho koko ;</p> | <p>1° evidence that the value added tax for which the refund is sought was incurred;</p> | <p>1° la preuve que la taxe sur la valeur ajoutée dont le remboursement est sollicité a été effectivement encourue;</p> |
| <p>2° ikimenyetso ko usaba gusubizwa umusoro afite uburenganzira bwo kubisaba hakurikijwe iyi ngingo.</p> | <p>2° evidence of the applicant's entitlement to make an application for refund under this Article.</p> | <p>2° la preuve que le requérant est habilité à faire une telle demande en vertu du présent article.</p> |

Muri iyi ngingo, amasezerano mpuzamahanga bisobanura amasezerano hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na Guverinoma y'igihugu cy'amahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga ugengwa na Leta ajoyanye no gufasha Guverinoma mu rwego rw'imari, urwa tekini, urw'ubutabazi cyangwa mu rwego rw'ubutegetsi.

In this article, international agreement means an agreement between the Government of Rwanda and a foreign Government or a governmental international organisation for the provision of financial, technical, humanitarian, or administrative assistance to the Government.

Dans le présent article, un accord international signifie un accord entre le Gouvernement du Rwanda et un Gouvernement étranger ou une organisation gouvernementale internationale pour la fourniture d'une assistance financière, technique, humanitaire ou administrative au Gouvernement.

Ingingo ya 32: Agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko

Article 32: Market value of goods or services

Article 32: Valeur marchande des biens ou services

Agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko ni ikiguzi ibyobintu cyangwa serivisi byagira bijyanywe ku isoko ku munsu bitangiweho.

The market value of taxable goods or services is the consideration the goods and services would obtain in the open market at the time of supply.

La valeur marchande des biens ou services est la contrepartie que les biens ou services auraient normalement sur le marché libre au moment de la fourniture.

Iyo bidashoboka kugena agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko ku gihe runaka cyihariye, agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko ni ikiguzi ibimeze nkabyo byagira ku isoko muri icyo gihe hitawe ku itandukaniro riri hagati y'ibintu bimeze kimwe n'ibintu ubwabyo nyakuri. Kugira ngo bishoboke, ibintu biba bisa n'ibindi iyo ari bimwe, cyangwa bisa cyane n'ibyo bindi hitawe ku miterere yabyo, ubwiza bwabyo, imikorere, icyo bikozemo n'ubwamamare bwabyo.

If it is impossible to determine the market value of taxable goods or services at a particular time, the market value is the consideration similar goods or services would ordinarily obtain in the open market in consideration of the difference between the similar goods or services and the actual goods or services. For this purpose, goods are similar if there are the same or closely resemble the other goods taking into account the character, quality, functionality, materials, and their reputation.

S'il n'est pas possible de déterminer la valeur marchande des biens ou services à un moment donné, la valeur marchande est la contrepartie que des biens ou services similaires auraient normalement sur le marché libre à ce moment-là, ajusté pour tenir compte des différences entre les biens ou services similaires et les biens ou services proprement dits. A cette fin, les biens sont similaires à d'autres s'ils sont les mêmes, ou ressemblent étroitement à d'autres, compte tenu du caractère, de la qualité, de la fonctionnalité, des matières et de leur réputation.

Iyo agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko kagomba kugengwa ku bintu cyangwa serivisi byihariye, cyangwa ku mutungo utunzwe n'umuntu, ako agaciro kagenwa hifashishijwe agaciro ku isoko k'ibyo bintu cyangwa serivisi, cyangwa k'uwo mutungo, nk'uko kagenwa

If the value of goods and services on the market is to be determined on specific goods or services or on the value of a person's acquisitions, the value shall be determined in consideration of the market value of those goods or services or of such acquisitions as determined by this Article in

Si la valeur marchande des biens ou services doit être déterminée pour les biens ou services spécifiques ou pour les acquisitions d'une personne, la valeur marchande est déterminée en tenant compte de la valeur marchande de ces biens ou services ou acquisitions telle que prévue

Official Gazette n° Special of 05/02/2013

hakurikijwe iyi ngingo, ku gihe runaka.

a given period.

par cet article, pour une période donnée.

Iyo agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko kadashobora kugenwa hakurikijwe ibivugwa mu bika bibanziriza iki, agaciro kabyo ni ikiguzi kigenwa na Komiseri Mukuru abicishije mu mabwiriza nyuma yo kubikorera ubushakashatsi bufite ibipimo ngenderwaho.

If the market value of goods or services cannot be determined according to the provisions of the previous paragraphs, it shall be determined by the Commissioner General by rules after conducting a research in accordance with standards.

Si la valeur marchande des biens ou services ne peut être déterminée en vertu des paragraphes précédents, elle doit être déterminée par le Commissaire Général par voie des directives après une recherche répondant aux normes standards.

UMUTWE WA XI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER XI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE XI: DISPOSITIONS INALES

Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzuma n'itorwa ry'iri tegeko

Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 34: Repealing provision

Article 34: Disposition abrogatoire

Itegeko n° 06/2001 ryo kuwa 20/01/2001 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Law n° 06/2001 of 20/01/2001 on the Code of Value Added Tax, as modified and complemented to date and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

La Loi n° 06/2001 du 20/01/2001 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 35: Commencement

Article 35: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 09/11/2012

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 09/11/2012

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal
of the Republic:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 09/11/2012

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

UMUGEREKA KU ITEGEKO N°37/2012 RYO KUWA 09/11/2012 RISHYIRAHU UMUSORO KU NYONGERAGACIRO UGARAGAZA IBIKORESHO BY'IKORANABUHANGA, ITUMANAHU N'IKWIRAKWIZWA RY'AMAKURU BISONWE

ANNEX TO THE LAW N°37/2012 OF 09/11/2012 ESTABLISHING THE VALUE ADDED TAX RELATING TO THE INFORMATION, COMMUNICATION AND TECHNOLOGY EQUIPMENT THAT ARE EXEMPTED

ANNEXE A LA LOI N°37/2012 DU 09/11/2012 PORTANT INSTAURATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE RELATIVE AU MATERIEL DE LA TECHNOLOGIE, DE LA COMMUNICATION ET DE L'INFORMATION EXONERE

CODE SH	INYITO	PRODUCT DESIGNATION	DENOMINATION DU PRODUIT	Igipimo Rate Taux
84711000	Imashini itunganya amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga	Analogue or hybrid automatic data processing machine	Machine automatique de traitement de l'information, analogique ou hybride	0%
84713000	Mudasobwa igendanwa itarengeje ibiro 10	Portable digital computer weighing not more than 10 kg	Ordinateur portable d'un poids n'excédant pas 10 kg	0%
84714100	Ubundi bwoko bwa mudasobwa iri kumwe cyangwa itari kumwe n'ibindi bice biyiherekeje	Any other type of computer with or without other accessories	Autre type d'ordinateur comportant ou ne comportant pas d'autres accessoires	0%
84714900	Izindi mashini z'ubwoko butandukanye zifite imiterere nk'iya mudasobwa kandi zuzuzanya	Other various machines of the same structure with the computer that complement each other	Autres diverses machines automatiques se présentant sous forme d'un ordinateur et qui se complètent	0%

CODE SH	INYITO	PRODUCT DESIGNATION	DENOMINATION DU PRODUIT	Igipimo Rate Taux
84715000	Ibindi bice bitandukanye n'ibivugwa muri n° 84.71.4100 na 84.71.49.00 bishobora kuba bifungiye hamwe n'ibiherekeza birimo ibyinjiza amakuru, ibiyasohora n'ibiyabika	Other digital processing units different from those mentioned in n° 8471,4100 and 8471.49.00 which may be packed together with accessories including storage input units, output units and storage units	Autres unités de traitement numériques autres que celles prévues aux n° 84.71.4100 et 84.71.49.00 pouvant comporter sous une même enveloppe des accessoires y compris les unités de mémoire, unités d'entrée et unités de sortie	0%
84716000	Bimwe mu bigize mudasobwa birimo ibyinjiza amakuru, ibiyasohora biri kumwe cyangwa bitari kumwe n'ibibika amakuru	certain accessories of the computer including input or output units of the computer, whether or not containing storage units	Unités d'entrée ou de sortie d'un ordinateur, pouvant comporter ou non les unités de sortie	0%
84717000	Ibibika amakuru muri mudasobwa	Storage units	Unités de mémoire	0%
84718000	Ubundi bwoko bwa mudasobwa butunganya amakuru	Other units of automatic data processing computer	Autres unités d'ordinateur de traitement de l'information	0%
84719000	Ubundi bwoko bwa mudasobwa butunganya amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga	Other digital automatic data processing computers	Autres types d'ordinateur automatique de traitement de données	0%
84733000	Bimwe mu bigize mudasobwa n'ibiyiherekeza	Certain parts of the computer and its accessories	Certaines parties et accessoires d'un ordinateur	0%
85044000	Imashini yagenewe kubika umuriro yifashishwa na mudasobwa	Static converters /uninterrupted power supplies (UPS)	Convertisseur statique (onduleur)	0%
85171100	Ubwoko bwa telefoni zitagendanwa bukoresha igice cyitaba kidakoresha imigozi	Line telephone sets with cordless handsets	Postes téléphoniques d'usagers par fil à combinés sans fil	0%

CODE SH	INYITO	PRODUCT DESIGNATION	DENOMINATION DU PRODUIT	Igipimo Rate Taux
85171900	Ubundi bwoko bwa telefoni zitagendanwa	Other fixed telephones	Autres postes téléphoniques	0%
85172100	Imashini zikoreshwa mu itumanaho mu gusohora amakuru ku mpapuro	Teleprinters	Téléscripteurs	0%
85172200	Imashini zikoreshwa mu guhuza imiyoboro ya telefoni	Telephonic or telegraphic switching apparatus	Appareil de commutation pour la téléphonie ou la télégraphie	0%
85175000	Izindi mashini zikoreshwa mu itumanaho	Other apparatus, used in communication systems	Autres appareils, pour la télécommunication	0%
85178000	Izindi mashini	Other apparatus	Autres appareils	0%
85179000	Ibindi bice	Other parts	Autres parties	0%
85229000	Ibikoreshwa mu kubika amajwi n'amashusho hatarimo ibiyasoma	Audio and visual storage equipment excluding decoders	Appareils d'enregistrement du son et d'image autres que les lecteurs phonographiques	0%
85243190	Ibikoreshwa mu kubika amajwi n'amashusho hatarimo ibiyasoma	Discs for laser reading systems for reproducing phenomena other than sound or image other	Disques pour système de lecture pour faisceau laser pour la préparation des phénomènes autres que le son ou l'image: Autres (disques et disquettes)	0%
85244000	Amakaseti akoreshwa mu kubika amakuru atarimo amajwi n'amashusho	Magnetic tapes for reproducing phenomena other than sound or image	Bandes magnétiques pour la reproduction des phénomènes autres que le son et l'image	0%
85249100	Amakarita afite agace ka rukuruzi	Cards incorporating a magnetic stripe	Cartes munies d'une piste magnétique	0%
85421200	Amakarita elegitoronike	Cards incorporating an electronic integrated circuit ("smart" cards)	Cartes munies d'un circuit intégré électronique	0%

CODE SH	INYITO	PRODUCT DESIGNATION	DENOMINATION DU PRODUIT	Igipimo Rate Taux
85421300	Ibikoresho bikoresha ikoranabuhanga	Metal-oxide semi conductors (MOS)	Semi-conducteurs à oxyde allique	0%
85421400	Sirikwi ikoresha ikoranabuhanga rya “bipolaire”	Circuits obtained by bipolar technologies	Circuits obtenus par technologie bipolaire	0%
85421900	Izindi sirikwi zikoresha ikoranabuhanga rya “monolithiques numériques” zituruka ku ruvange rw’ikoranabuhanga “bipolaire”, irya MOS na BIMOS	Other circuits obtained by a combination of bipolar and MOS and BIMOS technologies	Autres circuits intégrés monolithiques numériques, y compris les circuits obtenus par l'association des technologies MOS et bipolaire technologie BIMOS	0%
85423000	Izindi sirikwi zikoresha ikoranabuhanga “monolithique”	Monolithic integrated circuits	Autres circuits intégrés monolithiques	0%
85424000	Sirikwi ikoresha ikoranabuhanga rya “hybride”	Hybrid integrated circuits	Circuits intégrés hybrides	0%
85429000	ibice	Parts	Parties	0%
85425000	Udukoresho duto dukoresha mu guteranya ibintu elegitoronike	Electronic microassemblies	Micro-assemblages électroniques	0%
94031000	Utubati dukoze mu byuma babikamo “serveur”, “swich” (Racks)	Metal cupboard for servers, switch (Racks)	Armoire métallique pour conserver les serveurs, swich (Racks)	0%

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro

Seen to be annexed to the Law n° 37/2012 of 09/11/2012 on establishing the value added tax

Vu pour être annexé à la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée

Kigali, kuwa **09/11/2012**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **09/11/2012**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **09/11/2012**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/13/10/TC
RYO KUWA 31/07/2013 RIGENA
IMIKORESHEREZE Y'IMASHINI
Y'IKORANABUHANGA YEMEWE MU
GUTANGA INYEMEZABUGUZI

MINISTERIAL ORDER N° 002/13/10/TC OF
31/07/2013 ON MODALITIES OF USE OF A
CERTIFIED ELECTRONIC BILLING
MACHINE

ARRETE MINISTERIEL N° 002/13/10/TC DU
31/07/2013 PORTANT MODALITES
D'UTILISATION DE LA MACHINE DE
FACTURATION ELECTRONIQUE AGREEE

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Kwiyandikisha k'ukoresha
imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga
inyemezabuguzi

Ingingo ya 4: Isonerwa ku bisabwa n'iri teka

Ingingo ya 5: Kugenzura imashini
z'ikoranabuhanga mu gutanga
inyemezabuguzi

Ingingo ya 6: Ibiranga uburyo bwo gutanga
inyemezabuguzi bwemewe

Ingingo ya 7: Ibigomba kugaragara ku
nyemezabwishyu

Ingingo ya 8: Kwemererwa gukoresha
imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga
inyemezabuguzi

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Registration as Electronic billing
machine user

Article 4: Exemption from the obligations under
this Order

Article 5: Inspection of certified electronic billing
machines

Article 6: CIS Features

Article 7: Receipt data requirements

Article 8: Electronic billing machines
accreditation

TABLE DES MATIERES

Article Premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Enregistrement en tant qu'utilisateur
de machine de facturation électronique

Article 4: Exonération des obligations prévues
par le présent arrêté

Article 5: Inspection des machines de
facturation électronique agréées

Article 6: Composantes du SFC

Article 7: Données à faire figurer au reçu

Article 8: Accréditation des machines de
facturation électronique

<u>Ingingo ya 9:</u> Ikoreshwa ry'Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 9:</u> Use of a certified electronic billing machine	<u>Article 9:</u> Usage de machine de facturation électronique agréée
<u>Ingingo ya 10:</u> Kugenzura no gutuma imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ihora ikora neza	<u>Article 10:</u> Maintenance of a certified electronic billing machine	<u>Article 10:</u> Entretien de machine de facturation électronique agréée
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 11:</u> Obligations of a certified electronic billing machine user	<u>Article 11:</u> Obligation de l'utilisateur de machine de facturation électronique agréée
<u>Ingingo ya 12:</u> Gutanga uburenganzira k'ugurisha n'ushyikiriza abaguzi ibicuruzwa uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe n'imashini y'inyemezabwishyu	<u>Article 12:</u> Licensing of CIS and SDC supplier and its distributors	<u>Article 12:</u> Octroi de licence aux fournisseurs et distributeurs des SFC et des machines à reçu
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'ugurisha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu	<u>Article 13:</u> Obligations of a supplier of CIS or SDC	<u>Article 13:</u> Obligations du fournisseur du SFC ou de la machine à reçu
<u>Ingingo ya 14:</u> Iyemerwa ry'ukora imashini y'inyemezabwishyu (SDC)	<u>Article 14:</u> Approval of SDC manufacturers	<u>Article 14:</u> Agrément du fabricant de la machine à reçu
<u>Ingingo ya 15:</u> Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 15:</u> Failure to use a certified Electronic billing machine	<u>Article 15:</u> Refus d'utiliser la machine de facturation électronique agréée
<u>Ingingo ya 16:</u> Gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu buryo bw'uburiganya	<u>Article 16:</u> Fraudulent use of a certified electronic billing machine	<u>Article 16:</u> Usage frauduleux de machine de facturation électronique agréée
<u>Ingingo ya 17:</u> Kutubahiriza ibiteganyijwe	<u>Article 17:</u> Failure to comply with any of the obligations	<u>Article 17:</u> Défaut de se conformer à l'une des obligations

Ingingo ya 18: Kwangiza Imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi **Article 18: Tampering with a certified electronic billing machine**

Article 18: Altération du fonctionnement de machine de facturation électronique agréée

Ingingo ya 19: Kutubahiriza ibiteganywa n'iri teka **Article 19: Other prohibitions**

Article 19: Autres interdictions

Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka **Article 20: Repealing provision**

Article 20 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa **Article 21: Commencement**

Article 21: Entré en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/13/10/TC RYO KUWA 31/07/2013 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'IKORANABUHANGA YEMEWE MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI

MINISTERIAL ORDER N° 002/13/10/TC OF 31/07/2013 ON MODALITIES OF USE OF CERTIFIED ELECTRONIC BILLING MACHINE

ARRETE MINISTERIEL N° 002/13/10/TC DU 31/07/2013 PORTANT MODALITES D'UTILISATION DE LA MACHINE DE FACTURATION ELECTRONIQUE AGREEE

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,

The Minister of Finance and Economic Planning,

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012 of 02/05/2012 instituting the Penal Code;

Vu la Loi Organique n° 01/2012 du 02/05/2012 portant Code Pénal;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Pursuant to Law n° 37 /2012 of 09/11/2012 Establishing Value Added tax, especially in Article 24;

Vu la Loi n° 37 /2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée, spécialement en son article 24;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/05/2013, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/05/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/05/2013;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena imiterere y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro ikoreshwa mu gutanga inyemezabuguzi igaragaza umusoro, uburyo n'inshingano bigomba kuba byujijwe mu gukoresha iyo mashini.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

- 1° **«Ubuyobozi»**: Ikigo cy'Imisoro n'Imahoro;
- 2° **«Ukoresha»**: umusoreshwa ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi;
- 3° **«TIN»**: inomeru iranga umusoreshwa;
- 4° **«Umusoreshwa munini»**: umusoreshwa wamenyeshejwe n'Ubuyobozi ko yanditswe mu basoreshwa banini;
- 5° **«Umusoreshwa wisumbuye»**: umusoreshwa ukora ibikorwa by'ubucuruzi bibyara amafaranga y'ibyacuujwe arenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000) y'amanyarwanda mu mwaka w'isoresha ushize kandi Ubuyobozi bukaba butaramushyize mu basoreshwa banini;

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the design of a certified electronic billing machine that generates invoices indicating taxes as agreed by the Tax Administration, modalities and conditions to be met in the use of the machine.

Article 2: Definitions

In this Order, the following terms are defined as follows:

- 1° **«Authority»**: Rwanda Revenue Authority;
- 2° **«User»**: a taxpayer who uses electronic billing machine;
- 3° **«TIN»**: taxpayer identification number;
- 4° **«Large taxpayer»**: any taxpayer who has been notified by the Authority that he or she is registered as a large taxpayers;
- 5° **«Medium taxpayer»**: any taxpayer whose turnover is more than fifty million (50,000,000) Rwandan francs during the previous tax period and not designed as a large taxpayer by the Authority;

Article premier: Objet du présent Arrêté

Le présent arrêté détermine le format de la machine de facturation électronique agréée par l'Administration Fiscale qui imprime les factures mentionnant les taxes, les modalités et les conditions à observer dans l'utilisation de cette machine.

Article 2: Définitions

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont les significations ci-après:

- 1° **«Autorité»**: Office Rwandais des Recettes;
- 2° **«Utilisateur»**: un contribuable qui utilise la machine de facturation électronique;
- 3° **«NIF»**: numéro d'identification fiscale;
- 4° **«Grand contribuable»**: tout contribuable auquel l'Autorité a notifié son enregistrement en tant que tel ;
5. **«Moyen contribuable»**: tout contribuable ayant une activité dont le chiffre d'affaires est supérieur à cinquante million (50.000.000) de francs rwandais au cours de l'exercice fiscal précédent et que l'Autorité n'a pas désigné comme grand contribuable ;

- 6° “ **Umusoreshwa uciriritse**”: umusoreshwa ukora ibikorwa by’ubucuruzi bibyara amafaranga y’ibyacuujwe ari hagati ya miliyoni cumi n’ebyiri n’ifaranga rimwe (12.000.001) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000) y’amafaranga y’u Rwanda mu mwaka w’isoresha ushize;
- 6° “ **Small taxpayer**”: any taxpayer whose turnover is between twelve million and one (12,000,001) and fifty million (50,000,000) Rwandan francs during the previous tax period;
6. « **Petit contribuable** » : tout contribuabe ayant une activité dont le chiffre d’affaires est compris entre douze million et un (12,000, 001) et cinquante million (50, 000,000) de francs rwandais au cours de l’exercice fiscal précédent ;
- 7° “**Umusoreshwa muto**”: umusoreshwa ukora ibikorwa by’ubucuruzi bibyara amafaranga y’ibyacuujwe ari muni ya miliyoni cumi n’ebyiri (12.000.000) mu mwaka w’isoresha ushize;
- 7° “ **Micro taxpayer**” : any taxpayer whose turnover is equal or less than twelve million (12,000,000) Rwanda francs during the previous tax period million;
7. « **Micro taxpayer** » : tout contribuabe ayant une activité dont le chiffre d’affaires est égal ou inférieur à douze million (12.000.000) de francs rwandais au cours de l’exercice fiscal précédent ;
- 8° «**Komiseri Mukuru**»: Komiseri Mukuru w’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro;
- 8° “**Commissioner General**”: Commissioner General of Rwanda Revenue Authority;
8. «**Commissaire Général**»: Commissaire Général de l’Office Rwandais des Recettes;
- 9° “**Uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe**” (CIS): uburyo bw’ikoranabuhanga bwagenewe gukoreshwa mu bucuruzi, mu rwego rwo gushyiraho uburyo buhamye bwo gucunga neza ibijyanye n’ubucuruzi ndetse n’ububiko byujuje ibisabwa n’Ubuyobozi;
- 9° “**Certified Invoicing System (CIS)**”: electronic system designed for use in business for efficiency management controls, in areas of sales analysis and stock control system which fulfil the requirements specified by the Authority;
9. “**Système de facturation certifiée**” (SFC) : système électronique conçu pour usage dans le commerce en vue des contrôles efficaces de gestion, dans le domaine d’analyse des ventes et du système du contrôle de stock qui remplit les exigences prescrites par l’Autorité;
- 10° “**Imashini y’inyemezabwishyu**” (SDC): imashini itanga kandi ikanabika inyemezabwishyu ikorana n’uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe ;
- 10° “**Sales Data Controller (SDC)**”: device connected to CIS used for processing and storing receipts;
10. “**Machine à reçu**” (MR): appareil connecté au SFC utilisé pour la livraison et le stockage des reçus ;
- 11° «**Imashini y’ ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**»: uburyo
- 11° “**Electronic billing machine**”: the system composed by CIS and SDC connected
11. «**Machine de facturation électronique**»: système comprenant le SFC et la machine

bugizwe na CIS na SDC bikaba bikorana nk'uburyo bumwe;	together as one system;	à reçu connectés ensemble comme un seul système;
12° « Gihamya »: ibimenyetso byo ku nyemezabuguzi bikoreshwa n'Ubuyobozi mu igenzura ry'ubudakemwa;	12° “ Signature ”: receipt data used for integrity verification by the Authority;	12. « Signature »: données que comporte le reçu dont l'Autorité se sert pour la vérification de la sincérité de ce reçu;
13° « Inyemezabwishyu »: inyandiko igaragaza ko habayeho kudandaza cyangwa kuranguza ibicuruzwa cyangwa inyandiko igaragaza ko hatanzwe serivisi ku muguzi, kandi ubudakemwa bw'iyo nyandiko bukaba bwagenzurwa n'Ubuyobozi;	13° “ Receipt ”: certified retail receipt or wholesale receipt or receipt for the provision of services provided to the customer, whose integrity can be verified by the Authority;	13. « Reçu »: document certifié constatant la vente au détail ou en gros ou un récépissé délivré pour la fourniture de services au client dont la sincérité peut être vérifiée par l'Autorité;
14° “ Inomero yihariye y'imashini ” (MRC) inomero yihariye y'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi igaragaza ko bwemewe ;	14° “ Machine Registration Code (MRC) ”: CIS's unique serial number with designation of its certificate;	14. “ Code d'enregistrement de la machine (CEM) ”: numéro de série unique avec désignation de son certificat;
15° « inomero y'imashini y'inyemezabwishyu »: inomero yihariye y'imashini itanga inyemezabwishyu igaragaza ko yemewe;	15° “ SDC serial number ”: sales Data Controller's unique serial number with specification of its certificate;	15. “ Numéro de série de la machine à reçu ”: numéro de série unique de la machine à reçu avec désignation de son certificat;
16° « POS »: ahatangirwa inyemezabwishyu;	16° “ POS ”: Point Of Sale;	16. “ PDV ”: point de vente;
17° « Ugurisha imashini »: isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye wanditse mu Rwanda kandi wabiherewe uruhushya n'Ubuyobozi, rwo kugira ibyemezo bya CIS cyangwa SDC byakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga no kuzigurisha nk'uzikora cyangwa uhagarariye uzikora;	17° “ Supplier ”: company or physical person registered in Rwanda licensed by the Authority for holding certificates for CIS and/or SDC, manufactured in or outside Rwanda, and selling it to the market as a manufacturer or a representative of the manufacturer;	17. « Fournisseur »: personne physique ou société enregistrée au Rwanda sous licence de l'Autorité pour la tenue de certificats du SFC et / ou de la machine à reçu, fabriqués à l'intérieur ou hors du Rwanda, et sa vente sur le marché en tant que fabricant ou représentant du fabriquant;

18° «**ushyikiriza abaguzi imashini**»: isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye wanditse mu Rwanda, akaba afitanye n’ugurisha imashini amasezerano yo kuzishyikiriza abaguzi, kandi wabihereye uruhushya n’Ubuyobozi rwo kugurisha CIS cyangwa SDC mu Rwanda.

18° “**distributor**”: company or natural person registered in Rwanda, having a distribution agreement with Supplier, and a license by the Authority to sell CIS or SDC in Rwanda.

18. «**distributeur**»: société ou personne physique enregistrée au Rwanda ayant un accord de distribution avec le fournisseur et une licence de l’Autorité pour vendre le SFC ou la machine à reçu au Rwanda.

Ingingo ya 3: Kwiandikisha k’ukoresha imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Article 3: Registration as an electronic billing machine user

Article 3: Enregistrement en tant qu’utilisateur de machine de facturation électronique

Umusoresha wese wamenyeshejwe, nk’uko biteganywa n’ingingo ya 9 y’iri teka, agomba kwiandikisha nk’ukoresha imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi.

Any taxpayer informed under Article 9 of this Order shall be required to register with the Authority as a certified electronic billing machine user.

Tout contribuable informé tel que prévu à l’article 9 du présent arrêté est tenu de s’inscrire auprès de l’Autorité comme utilisateur de la machine de facturation électronique agréée.

Umusoresha wese usonewe inshingano iteganyijwe mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, ashobora kwiandikisha mu Buyobozi ku bushake cyangwa agasabwa kwiandikisha nk’ukoresha imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi, hashingiwe ku buremere bw’impungenge nk’uko bigenwa na Komiseri Mukuru.

Any taxpayer who is exempted from the obligation under Paragraph One of this Article may voluntarily register or may be required to register with the Authority as a certified electronic billing machine user, based on the level of risk assessment determined by the Commissioner General.

Toute personne exemptée de l’obligation prévue au premier alinéa du présent article peut s’inscrire volontairement ou peut être tenue de s’inscrire auprès de l’Autorité comme utilisateur de la machine de facturation électronique agréé, sur base du niveau d’évaluation des risques déterminés par le Commissaire Général.

Uhereye igihe iri teka ritangiye gukurikizwa, imashini zitanga inyemezabwishyu zujuje ibisabwa n’uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe hakoreshejwe Imashini y’Ikoranabuhanga, kandi zahawe uburenganzira n’Ubuyobozi, ni zo zonyine zishobora gukoreshwa mu gutanga inyemezabwishyu nk’uko ziteganywa mu ngingo ya 7 y’iri Teko.

Upon commencement of this Order, only machines for issuing receipts that are found to be compliant with certified electronic billing machine specifications, and have been duly authorized by the Authority are utilised to generate receipts required under Article 7 of this Order.

Dès l’entrée en vigueur du présent arrêté, seules les machines pour la délivrance de reçus qui sont jugées conformes aux spécificités de machine de facturation électronique agréée dûment autorisées par l’Autorité, sont utilisées lors de la délivrance des reçus en vertu de l’article 7 du présent arrêté.

Ingingo ya 4: Isonerwa ku bisabwa n'iri teka

Komiseri Mukuru, ashingiye ku mpamvu z'umuntu ku giti cye, ashobora kumasonera gukoresha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi buteganywa n'iri teka, igihe hari ubundi buryo bushobora gukoreshwa mu gutanga amakuru yizewe ajyanye no kugenzura.

Ibigenderwaho mu gutanga ubusonerwe biteganywa n'Amabwiriza ya Komiseri Mukuru.

Ingingo ya 5: Kugenzura imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Ubuyobozi bufite uburenganzira bwo kugenzura imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi yandikishijwe hakurikijwe iri teka, mu gihe icyo ari cyo cyose cy'amasaha y'akazi, mu rwego rwo kugenzura niba ikurikiza ibisabwa, imikoreshereze yayo ndetse n'andi mabwiriza ashobora gutangwa agenga imikoreshereze y'iyi mashini.

**LOI N° 16/2005 DU 18/08/2005 RELATIVE
AUX IMPÔTS DIRECTS SUR LE REVENU**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA.**

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 29
mars 2005;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 81, 93,108 et
201;

Vu la loi n° 15/97 du 8/11/1997 portant création
de l'Office Rwandais des Recettes telle que
modifiée et complétée à ce jour, spécialement en
son article 20;

Revu la loi n° 8/97 du 26/6/1997 portant Code
des impôts directs sur les bénéfices divers et
revenus professionnels telle que modifiée et
complétée à ce jour,

Revu la loi n° 14/98 du 18 décembre 1998

rishyiraho Ikigo cy'Igihugu cyo guteza imbere Ishoramari, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 30, iya 31 n'iya 34;

establishing the Rwanda Investment Promotion Agency, especially in its Articles 30, 31 and 34;

portant création de l'Office Rwandais pour la Promotion des Investissements, spécialement en ses articles 30, 31 et 34;

YEMEJE :

ADOPTS:

ADOPTÉ :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ibirebana n'iri tegeko

Article one: Scope of this law

Article premier : Champ d'application

Iri tegeko "rigena imisoro itaziguye ku musaruro", rishyiraho:

This Law determines Direct Taxes on Income and it establishes:

La présente loi relative aux impôts directs sur le revenu régit :

- 1° umusoro ku musaruro w'abikorera ku giti cyabo;
- 2° umusoro ku nyungu z'amasosiyete;
- 3° imisoro ifatirwa.

- 1° personal Income Tax;
- 2° corporate Income Tax;
- 3° withholding taxes.

- 1° l'impôt sur le revenu des personnes physiques;
- 2° l'impôt sur les bénéficiaires des sociétés;
- 3° les impôts retenus à la source.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2 : Définitions

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya mbere y'itegeko n° 28/2012 ryo kuwa 27/07/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° 37 yo kuwa 10/09/2012):

(As modified and completed by article one of the law n°28/2012 of 27/07/2012 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G n°37 of 10/09/2012):

(Tel que modifié et complété par l'article premier de la loi n°28/2012 du 27/07/2012 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n°37 du 10/09/2012) :

Ku birebana n'iyubahirizwa ry'iri tegeko, ibisobanuro by'amagambo avugwa mu yandi mategeko y'u Rwanda ni byo byitabwaho, keretse hari igisobanuro gitandukanye gitangwa muri iri tegeko. Ibisobanuro bikurikira ni byo bijyana n'iyubahirizwa ry'iri tegeko:

For the purpose of implementing this Law, definitions of terms mentioned in other Rwandan laws apply unless a different meaning is expressly provided in this Law. The following definitions apply for the purpose of implementing this Law:

Aux fins de l'application de la présente loi, la signification des termes définis dans les autres lois rwandaises est d'application à moins qu'une signification différente ne soit expressément indiquée dans la présente loi. Les significations suivantes sont applicables à la présente loi.

1° "umusoresha": bivuga umuntu wese ugomba kwishyura umusoro hakurikijwe iri tegeko;

1° "taxpayer" means any person subject to tax according to this Law;

1° «contribuable» signifie toute personne assujettie à l'impôt aux termes de la présente loi ;

2°“umukoresha wa mbere”:umukoresha uha umukozi umusaruro w’umwaka usumba iyindi;

3°“umuntu”: buvuga umuntu ku giti cye, isosiyete cyangwa andi mashyirahamwe ayo ariyo yose;

4° “umuntu ufitanye isano n’undi” bisobanura umuntu cyangwa abantu bakora cyangwa bashobora gukora bakurikije amabwiriza, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by’undi muntu igihe ayo mabwiriza, ibyo bitekerezo cyangwa ibyo byifuzo byabagejweho cyangwa bitabagejweho.

By’umwihariko, abantu bakurikira bafatwa nk’abantu bafitanye isano:

a. umuntu ku giti cye hamwe n’uwo bashakanye, abo bakomokaho cyangwa ababakomokaho ku buryo butaziguye;

b. isosiyete n’umuntu wese ufite, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, mirongo itanu ku ijana (50%), mu gaciro cyangwa mu mibare, by’imigabane cyangwa by’uburenganzira bwo gutora muri iyo sosiyete;

c. isosiyeti ebyiri cyangwa nyinshi iyo undi muntu afite, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, nibura mirongo itanu ku ijana (50%), mu gaciro cyangwa mu mibare, by’imigabane cyangwa by’uburenganzira bwo gutora muri buri sosiyete;

d. ibivugwa muri b na c bikoreshwa ku yandi mashyirahamwe, nk’uko bisobanuwe muri 3° y’iyi ngingo;

2° “first employer” means an employer who gives greater annual income to an employee by comparison with another employer;

3°“a person” means any individual, company or any other associations;

4° “a related person” means an individual or individuals who act (s) or is likely to act in accordance with the directives, opinion or wishes communicated or not communicated

More particularly, the following persons are regarded as relatives:

a. an individual and his spouse, their direct lineal ascendants or lineal descendents;

b.a company and any person who owns directly or indirectly fifty per cent (50%) or more, by value or by number, of the shares or voting rights in that company;

c.two or more companies, if a third party owns directly or indirectly at least fifty per cent (50%) or more, by value or by number, of the shares or voting rights in each company;

d.items mentioned in b and c apply to other associations, as specified in 3° above;

2°« Le premier employeur » signifie l’employeur qui donne à l’employeur un revenu professionnel plus élevé par an ;

3°« personne» signifie toute personne physique, morale ou toute autre association de personnes quelle que soit la forme ;

4° « personne liée» signifie toute personne qui agit ou est susceptible d’agir selon les directives, demandes, suggestions ou souhaits d’une autre personne lorsque ces demandes, souhaits ou suggestions leurs sont exprimés ou non.

Plus particulièrement, les personnes suivantes sont considérées comme des personnes liées :

a.une personne physique et son conjoint, leurs ascendants ou descendants directs ;

b.une société et toute personne qui détient directement ou indirectement cinquante pour cent (50 %) au moins, en valeur ou en nombre, des parts ou droits de vote dans cette société ;

c.deux sociétés ou plus, si une tierce personne détient, directement ou indirectement cinquante pour cent (50%) au moins, en valeur ou en nombre, des parts ou droits de vote dans chacune de ces sociétés ;

d.les points b et c s’appliquent également aux associations, visées au point 3° .

5° **“nyakabyizi”** umukozi cyangwa umunyakazi ukora imirimo itagomba ubuhanga bwihariye, udakoresha imashini cyangwa ibikoresho bisaba ubuhanga bwihariye, kandi uhawe akazi n’umukoresha mu gihe kitarenze cyose hamwe iminsi mirongo itatu (30) mu gihe cy’umusoro;

6° **ibikorwa by’ubucuruzi bito:** imirimo y’ubucuruzi ibyara amafaranga y’ibyacurujwe angana cyangwa ari muni ya miliyoni icumi n’ebyiri y’amafaranga y’u Rwanda(12.000.000 Frw) kuri buri gihe cy’umusoro;

7°**ibikorwa by’ubucuruzi biciriritse:** imirimo y’ubucuruzi ibyara amafaranga y’ibyacurujwe ari hagati ya miliyoni cumi n’ebyiri n’ifaranga rimwe (12.000.001Frw) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000Frw) y’amafaranga y’u Rwanda kuri buri gihe cy’umusoro;

8° **“Minisitiri ”** Minisitiri ufite Imari mu nshingano ze;

9° **“Ikigeza cya pansiyu gifite ubushobozi”:** ikigeza cyose cyujuje ibi bikurikira:

- a).cyashyizweho hakurikijwe amategeko y’u Rwanda;
- b).gikoreshwa hagamijwe cyane cyane gutuma hishyurwa pansiyu ku bantu batuye mu Gihugu;
- c).gifite ubuyobozi nyabwo mu Rwanda igihe icyo ari cyo cyose mu gihe cy’umusoro.

5° **“casual laborer”:** an employee or worker who performs unskilled labor activities, who does not use machinery or equipment requiring special skills, and who is engaged by an employer for an aggregate period not exceeding thirty (30) days during a tax period;

6° **micro-enterprise:** any business activities, which result into a turnover equal to or of less than twelve million Rwandan francs (Rwf 12.000.000) per tax period;

7° **small-enterprise:** any business activities, whose turnover is between twelve million and one Rwandan francs (Rwf 12.000.001) and fifty million Rwandan francs (Rwf 50.000.000) per tax period;

8° **“Minister”** the Minister having Finance in his or her attributions;

9° **“qualified pension fund”:** any fund which fulfills the following:

- a).one which was established according to Rwanda laws;
- b).one which is operated for the principal purpose of providing pension payments to residents in the country;
- c).one which has effective management in Rwanda at any time during the tax period.

5° **«employé occasionnel» :** un employé ou travailleur qui accomplit un travail ne requérant pas de qualifications particulières, n’utilise pas de machine ou équipement exigeant des connaissances particulières, et qui est engagé par un employeur pour une période cumulée ne dépassant pas trente jours (30) au cours d’un exercice fiscal ;

6°**micro-entreprise :** toute entreprise ayant une activité dont le chiffre d’affaires est égal ou inférieur à douze millions de franc rwandais (12.000.000 Frw) par exercice fiscal;

7° **petite entreprise :** toute entreprise ayant une activité dont le chiffre d’affaires est compris entre douze millions et un francs Rwandais (12.000.001 Frw) et cinquante millions de francs rwandais (50.000.000Frw) par exercice fiscal ;

8° **«Ministre»** le Ministre ayant les Finances dans ses attributions ;

9° **«Fonds de pension qualifié»:** tout fonds remplissant les conditions suivantes :

- a).constitué conformément à la loi rwandaise ;
- b). dont la principale fonction est de verser des pensions aux résidents;
- c).dont le lieu de direction effective est situé au Rwanda à tout moment de l’exercice fiscal

concerné.

Ingingo ya 3: Aho umuntu atuye

Umuntu ku giti cye yitwa ko atuye mu Rwanda iyo yujuje kimwe muri ibi bikurikira:

- 1° afite aho atuye hahoraho mu Rwanda;
- 2° asanzwe abarizwa mu Rwanda;
- 3° ari umunyarwanda uhagarariye u Rwanda mu mahanga.

Umuntu ku giti cye uba mu Rwanda iminsi irenze ijana na mirongo inani n'itatu (183) mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12), ku buryo bwa buri gihe cyangwa bugiye bunyuranamo, afatwa nk'utuye mu Rwanda mu gihe cy'umusoro ayo mezi cumi n'abiri (12) yarangiriyemo.

Umuntu, utari umuntu ku giti cye, afatwa nk'utuye mu Rwanda mu gihe cy'umusoro iyo ari:

- 1° isosiyete cyangwa ishyirahamwe byashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda; cyangwa
- 2° isosiyete ifite icyicaro cy'ubuyobozi nyabwo mu Rwanda igihe cyose kijyana n'icyo gihe cy'umusoro; cyangwa
- 3° isosiyete ya Leta y'u Rwanda.

Minisitiri ashobora gushyiraho amabwiriza asobanura aho “umuntu atuye hahoraho” cyangwa “aho ubuyobozi

Article 3: Residence

An individual is considered as resident in Rwanda if he or she fulfills one of the following:

- 1° has a permanent residence in Rwanda;
- 2° has a habitual abode in Rwanda;
- 3° is a Rwandan representing Rwanda abroad.

An individual who stays in Rwanda for more than 183 days in any 12-month period, either continuously or intermittently, is resident in Rwanda for the tax period in which the 12 month period ends.

A person other than an individual is considered as a resident in Rwanda during a tax period if it:

- 1° is a company or an association established according to Rwandan laws; or
- 2° has its place of effective management in Rwanda at any time during that tax period; or
- 3° is a Rwanda government company.

The Minister may issue instructions specifying “a person’s permanent residence” or “where

Article 3 : Résidence

Une personne physique est réputée résidente au Rwanda si elle remplit l'une des conditions ci-après :

- 1° avoir une résidence permanente au Rwanda ;
- 2° avoir un domicile principal au Rwanda ;
- 3° être Rwandais et agent consulaire ou diplomatique en poste à l'étranger.

Une personne physique qui séjourne au Rwanda durant plus de cent quatre vingt trois (183) jours au cours d'une période de douze (12) mois, continuellement ou de manière intermittente, est réputée résidente au Rwanda lorsque l'exercice fiscal relatif à cette période de douze (12) mois prend fin.

Une personne, autre qu'une personne physique, est réputée résidente au Rwanda au cours d'un exercice fiscal si :

- 1° elle est constituée en société ou association conformément à la loi rwandaise ; ou
- 2° elle a son lieu de direction effective au Rwanda au cours de l'exercice fiscal ; ou

3° il s'agit d'une société de l'État rwandais.

Le Ministre peut émettre des instructions administratives pour préciser ce qu'il faut entendre

nyabwo buri”.

the effective place of management” is located.

par «résidence principale» ou «lieu de direction effective».

Ingingo ya 4: Inkomoko y’Umusaruro

Article 4: Source of income

Article 4 : Source du revenu

Umusaruro ukomoka mu Rwanda ugizwe n’ibi bikurikira:

Income from sources in from Rwanda includes:

Le revenu de source rwandaise est composé de ce qui suit :

1° umusaruro uva mu mirimo yakorewe mu Rwanda, harimo n’ukomoka ku kazi;

1° income generated from services performed in Rwanda, including income generated from employment;

1° le revenu de services fournis au Rwanda, y compris les salaires ;

2° umusaruro winjijwe n’umunyabugeni, umuririmbyi cyangwa umukinnyi uturutse ku byo yakoreye mu Rwanda;

3° umusaruro uturutse ku bikorwa byakozwe n’umuntu udatuye mu Rwanda abinyujije ku kigo gihoraho mu Rwanda;

2° income generated by a crafts person, musician or a player from his or her performances in Rwanda;

3° income generated from activities carried on by a non-resident through a permanent establishment in Rwanda;

2° Le revenu reçu par un artiste, musicien ou athlète pour des activités exercées au Rwanda ;

3° le revenu d’activités d’affaires exercées par un non-résident par le biais d’un établissement stable au Rwanda ;

4° umusaruro uturutse ku igurishwa ry’umutungo wimukanwa, ufitwe n’ikigo gihoraho mu Rwanda;

4° income generated from sale of movable assets owned by a permanent establishment in Rwanda;

4° le produit de la vente d’un bien meuble attribuable à un établissement stable au Rwanda ;

5° umusaruro uturutse kuri ibi bikurikira:

5° income generated from the following assets in Rwanda:

5° le revenu provenant de ce qui suit :

- a. umutungo utimukanwa n’ibindi bijyanye na wo;
- b. ubworozi n’ibihunikwa bikomoka ku

- a. immovable assets and accessories thereto;
- b. livestock and inventory generated from agriculture and forestry;

- a. un bien immeuble et de ses dépendances;
- b. de l’élevage et des stocks agricoles et forestiers;

- c. umutungo no ku bundi burenganzira buturutse ku mutungo utimukanwa iyo uwo mutungo uri mu Rwanda;

- c. usufruct and other rights derived from an immovable asset if such an asset is in Rwanda;

- c. usufruit et autres droits afférents à un bien immeuble si ce bien est situé au Rwanda ;

6° umusaruro uturutse ku igurishwa ry’umutungo wavuzwe mu gace ka 5° k’iyi ngingo;

6° income generated from sale of assets referred to in point 5° of this article;

6° le produit de la vente d’un bien visé au point 5° du présent article;

7° umugabane w’inyungu watanzwe n’isosiyete ituye mu Rwanda;

7° dividends distributed by a resident company;

7° les dividendes distribués par une société résidente ;

8° inyungu ihinduwemo imigabane yishyuwe n’abafatanyije ibikorwa mu Rwanda;

8° profit shares distributed by a resident partnership;

8° incorporation des bénéfices au capital par une société en partenariat résidente ;

9° inyungu yishyuwe n’ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa n’Uturere n’Imijyi n’utuye mu Rwanda cyangwa n’ikigo

9° interest paid by the Central Government, Districts, Town or Municipality, a resident of

9° les intérêts payés par l’Administration Centrale, les Districts et Villes, un résident du Rwanda ou

gihoraho kiba mu Rwanda ariko nyiracyo ataba mu Rwanda;

10° amafaranga y'uruhushya rwo gukora no gukoresha harimo n'iyishyurwa ry'ubukode, hamwe n'amafaranga y'icyatamurima cyangwa y'ubuhanzi yishyurwa n'utuye mu Rwanda, cyangwa yishyurwa n'ikigo gihoraho gitunzwe n'umuntu udatuye mu Rwanda;

11° umusaruro uturutse ku bindi bikorwa ibyo ari byo byose bikorewe mu Rwanda.

Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umusaruro ukomoka mu mahanga ni umusaruro ukomoka ku mirimo n'akazi bitakorewe mu Rwanda.

Ingingo ya 5: Ikigo gihoraho

Ijambo “ikigo gihoraho” risobanura ishyirahamwe cyangwa isosiyete bifite icyicaro kizwi hagenwe gukorerwa imirimo yose y'umuntu cyangwa igice cyayo. By'umwihariko, kimwe muri ibi bikurikira gifatwa nk'ikigo gihoraho:

Ishami ry'ubutegetsi, uruganda, ahakorerwa imirimo y'imyuga, ahacukurwa amabuye y'agaciro, ubutare cyangwa ahandi hose hagenewe kubyarizwamo umutungo kamere, hamwe n'ahantu hagomba kubakwa, cyangwa hubakwa, cyangwa hakorerwa imirimo yo guteranya ibintu.

Umuntu afatwa nk'aho atari ikigo gihoraho iyo:

1° akoresha inyubako kugira ngo gusa abikemo cyangwa amurikiremo ibintu cyangwa ibicuruzwa bye;

Rwanda or by a permanent establishment that a non-resident maintains in Rwanda;

10° license fees including lease payments and royalties or artistic fee paid by a resident, or paid by a permanent establishment owned by a non-resident in Rwanda;

11° income generated from any other activities carried on in Rwanda.

Without prejudice to provisions of paragraph one of this article, income generated from abroad is any income derived from activities not performed in Rwanda.

Article 5 : Permanent establishment

The term “permanent establishment” means a fixed place of business through which the business of a person is wholly or partially carried on. In particular one of the following is considered as a permanent establishment:

An administrative branch, factory, workshop, mine, quarry or any other place for the exploitation of natural resources, and a building site or a place where construction or assembly works are carried out.

A person is considered as not to have a permanent establishment if that person:

1° uses facilities solely for the purpose of storage or display of goods or merchandise;

par un établissement qui est au Rwanda, mais dont le propriétaire est un non-résident au Rwanda ;

10° les droits de licence, dont les contrats-bail, et les redevances, dont les paiements relatifs aux ressources nationales, payés par un résident ou par un établissement stable d'un non-résident au Rwanda ;

11° le revenu de toute autre activité exercée au Rwanda.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le revenu de source étrangère est tout revenu qui provient du travail et service non effectués au Rwanda.

Article 5 : Établissement stable

Le terme «établissement stable» désigne une association ou une société qui a un siège connu destiné à abriter toutes ou une partie des activités d'une personne. En particulier, une des entités suivantes est considérée comme un établissement stable:

Un service administratif, une usine, un atelier, une mine, une carrière ou tout autre lieu d'exploitation de ressources naturelles, et un chantier ou tout lieu où des travaux d'assemblage sont effectués.

Une personne est considérée comme n'ayant pas un établissement stable si:

1° elle utilise une installation uniquement à des fins de stockage ou d'exposition de biens ou de marchandises qui lui appartiennent ;

2° abika ibintu cyangwa ibicuruzwa bye agamije gusa kubibika cyangwa kubimurikiramo;

3° abika ibintu cyangwa ibicuruzwa bye agamije gusa ko bihindurwa n'undi muntu;

4° afite ahantu hamwe akorera agamije gusa kugura ibintu cyangwa ibicuruzwa cyangwa gutara amakuru yerekeye ubucuruzi bwe;

5° afite ahantu akorera agamije gusa, mu rwego rw'imirimo ye, gukora ibindi byose bijyanye no kuyitegura cyangwa bituma irushaho gukorwa neza.

Hatitawe ku bivugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'igika cya kabiri cy'iyi ngingo, iyo umuntu, uretse uwigenga, urebwa n'agace ka 5° k'igika cya kabiri, akora akorera undi muntu kandi akaba asanzwe afite ubushobozi bwo gukora amasezerano mu izina ry'uwo muntu akorera, uwo muntu ukoresha afatwa nk'aho afite ikigo gihoraho ku bijyanye n'imirimo umuhagarariye amukorera, keretse iyo iyo mirimo y'umuhagarariye igarukira ku mirimo ivugwa mu gika cya kabiri.

Umuntu afatwa nk'aho atari ikigo gihoraho iyo akora gusa imirimo y'akazi abinyujije ku muranga mu bucuruzi, ku muntu uba yatumwe muri rusange cyangwa undi mukozi wese wigenga, hakurikijwe gusa ko uwo mukozi akora mu buryo asanzwe akoramo imirimo ye.

Kuba isosiyete igenzura cyangwa igenzurwa n'indi sosiyete ntibihagije ko imwe muri zo iba ikigo gihoraho cy'iyindi.

2° maintains a stock of goods or merchandise belonging to that person solely for the purpose storage or display;

3° maintains a stock of goods or merchandise belonging to that person solely for the purpose of processing by another person;

4° has a place of operation aimed purposely at purchasing goods or merchandise or of collecting information related to his or her business;

5° has a place of operation solely for the purpose of carrying on preparations of his or her activities, and performing any other activities that make them more effective.

Notwithstanding provisions of points 1° and 2° above, where an agent, except an independent person, concerned with point 5°, of paragraph 2 acts on behalf of a person and who has capacity to make contracts in the name of that person, that person is considered as if he or she owns a permanent establishment in respect of activities his or her agent undertakes for the person except if such activities of the agent are limited to those mentioned in paragraph 2°.

A person is not considered as a permanent establishment if he or she only carries out activities through a broker, general commission agent or any other private agent in accordance with procedures of the ordinary course of the activities of such an agent.

A company that controls or is controlled by another company does not of itself constitute either company to be a permanent establishment of the

2° elle garde un stock de biens ou de marchandises qui lui appartiennent uniquement à des fins de stockage ou d'exposition ;

3° elle garde un stock de biens ou de marchandises qui lui appartiennent uniquement à des fins de traitement par une autre personne;

4° elle dispose d'une installation fixe uniquement pour l'achat de biens ou de marchandises ou pour la collecte d'informations aux fins de ses activités d'affaires ;

5° elle dispose d'une installation fixe uniquement aux fins d'exercer, dans le cadre de ses propres activités d'affaires, toute autre activité à caractère préparatoire ou auxiliaire.

Nonobstant les dispositions des points 1° et 2°, lorsqu'un agent, autre qu'un agent à statut indépendant relevant du point 5° du deuxième alinéa du présent article, agit pour le compte d'une autre personne et est habilité à conclure des contrats au nom de cette autre personne, celle-ci est traitée comme ayant un établissement stable en ce qui concerne les activités que l'agent entreprend pour le compte de cette personne à moins que lesdites activités de l'agent se limitent à celles qui sont visées au deuxième alinéa.

Une personne n'est pas traitée comme ayant un établissement stable lorsqu'elle se contente de faire réaliser ses activités par un courtier, un commissionnaire ou tout autre agent à statut indépendant, pourvu que cet agent agisse dans l'exercice normal de ses fonctions.

Le fait qu'une société contrôle ou est contrôlée par une autre société n'a pas pour effet, en soi, de faire de l'une un établissement stable de l'autre.

other.

Ingingo ya 6: Imisoro yishyuwe mu mahanga

Iyo mu gihe cy'umusoro umuntu utuye mu Rwanda abonye umusaruro uturutse mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga, hakurikijwe ingingo ya 3 n'ya 4 z'iri tegeko, umusoro ku musaruro ubarwa hakuwemo umusoro wishyuwe mu mahanga kuri uwo musaruro. Ingano y'uwo musoro wishyuwe mu mahanga wemerwa ari uko herekanywe ibimenyetso bigaragara nk'imenyeshya ry'umusoro, nk'icyemezo cy'umusoro ufatirwa cyangwa indi nyandiko imeze nka byo yemewe.

Igabanywa ry'umusoro ku musaruro riteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntirishobora kurenga umusoro wagombye kwishyurwa mu Rwanda kuri uwo musaruro uturutse mu mahanga.

Ingingo ya 7: Igihe cy'umusoro

Igihe umusoro ubarwa ni mu mwaka usanzwe, guhera ku itariki ya mbere Mutarama kugeza ku ya 31 Ukuboza.

Iyo abisabwe, Minisitiri ashobora kwemerera umusororeshwa gufata ikindi gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) nk'igihe cye cy'umusoro, iyo umusororeshwa yujuje ibi bikurikira:

- 1° ari ikigo kivugwa mu ngingo ya 38;
- 2° asabwa gukora ibaruramari akurikije gahunda y'Ibaruramari ry'Igihugu;
- 3° yerekana impamvu zigaragara zo guhindura igihe cye cy'umusoro.

Iyo igihe cy'umusoro cy'umusororeshwa gihindutse, igihe cyo kuva ku ntangiriro y'igihe cy'umusoro iryo hinduka ribereyeho kugeza ku itariki ya nyuma y'iryo hinduka,

Article 6: Foreign tax credit

If during a tax period, a resident in Rwanda generates income derived from taxable activities performed abroad, the income tax payable by that resident in respect of that income is reduced by the amount of foreign tax payable on such income in accordance with articles 3° and 4° of this law. The amount of foreign tax payable shall be substantiated by appropriate evidence such as tax declaration, a withholding tax certificate or any other similar acceptable document.

The reduction of the income tax provided for by paragraph one of this article does not exceed the tax payable in Rwanda on income from abroad.

Article 7: Tax period

The tax period is the calendar year, from 1 January to 31 December.

Upon request, the Minister may allow a taxpayer to apply any other twelve (12) months period as a tax period, if the taxpayer fulfills the following:

- 1° if it is an entity mentioned in Article 38;
- 2° is required to keep books of accounts according to National Accounting Plan; et
- 3° presents concrete reasons to change his or her tax period.

Where a taxpayer's tax period changes, the period from the start of the tax period in which the change

Article 6 : Crédit d'impôt étranger

Si au cours de l'exercice fiscal, un résident perçoit un revenu des activités imposables exercées à l'étranger, suivant les dispositions des articles 3 et 4 de la présente loi, l'impôt payable par ce résident au titre de ce revenu est réduit du montant de l'impôt étranger payable sur ce revenu. Le montant de l'impôt étranger payable est prouvé par des justificatifs, tels qu'un avis d'imposition, un certificat de retenue ou tout autre document similaire acceptable.

La réduction d'impôt prévue au paragraphe premier du présent article ne saurait être supérieure à l'impôt qui aurait été prélevé au Rwanda au titre du revenu de source étrangère.

Article 7 : Exercice fiscal

L'exercice fiscal correspond à l'année calendaire, du premier janvier au 31 décembre.

Sur demande, le Ministre peut autoriser le contribuable de prendre une autre période de douze (12) mois comme exercice fiscal, s'il remplit les conditions ci-après:

- 1° être une entité visée par l'article 38;
- 2° tenir ses livres et registres comptables selon le plan comptable national rwandais ;
- 3° démontrer la nécessité impérieuse de modifier son exercice fiscal.

Lorsque l'exercice fiscal d'un contribuable est modifié, la période allant du début de l'exercice fiscal au cours duquel le changement a lieu jusqu'à

gifatwa nk'igihe cy'umusoro cyihariye.

UMUTWE WA II: UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Ingingo ya 8: Ishingiro ry'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye

Hashyizweho umusoro wa buri mwaka bita "umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye" uvanwa ku musaruro ubonwa n'umuntu ku giti cye.

Ingingo ya 9: Inshingano z'urebwa n'umusoro ku musaruro

Buri gihe cy'umusoro, umusororeshwa utuye mu Rwanda agomba kwishyura umusoro ku musaruro ufite inkomoko mu gihugu no mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga, hakurikijwe ingingo ya 3 n'ya 4 z'iri tegeko.

Umusororeshwa udatuye mu Rwanda agomba kwishyura gusa umusoro ku musaruro ufite inkomoko mu Rwanda.

Ingingo ya 10: Umusaruro usororeshwa

Umusaruro ukomoka ku nyungu no ku ishoramari ugizwe n'ibi bikurikira:

- 1° umusaruro ukomoka ku kazi;
- 2° inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi;
- 3° umusaruro ukomoka ku ishoramari.

occurs to the final date of such a change is considered as a special tax period.

CHAPTER II: PERSONAL INCOME TAX

Section one: General provisions

Article 8: Base of personal income tax

There is hereby established an annual "personal income tax" levied on income received by an individual.

Article 9: Obligations of the concerned tax payers of income tax

A resident taxpayer is liable to income tax per the tax period from all domestic source and foreign sources in accordance with articles 3 and 4 of this law.

A non resident taxpayer is only liable to income tax which has a source in Rwanda

Article 10: Taxable income

Taxable income is composed of the following:

- 1° employment income;
- 2° business profits;
- 3° investment income.

la date du changement est traitée comme un exercice fiscal distinct.

CHAPITRE II : IMPOT SUR LE REVENU DE LA PERSONNE PHYSIQUE

Section première : Dispositions Générales

Article 8 : Base de l'impôt sur le revenu de la personne physique

Il est établi un impôt annuel sur le revenu désigné sous le nom d'«impôt sur le revenu de la personne physique», perçu sur le revenu reçu par une personne physique.

Article 9 : Obligations fiscales du contribuable sur le revenu

Le contribuable résident au Rwanda est redevable, pour chaque exercice fiscal, de l'impôt sur le revenu imposable de source nationale et étrangère, selon les dispositions de l'article 3 et 4 de la présente loi.

Le contribuable non-résident au Rwanda est redevable, pour chaque exercice fiscal, de l'impôt sur le revenu uniquement de source rwandaise.

Article 10 : Revenu imposable

Le revenu imposable est composé de ce qui suit :

- 1° le revenu de l'emploi ;
- 2° les bénéfices d'affaires ;
- 3° le revenu des investissements.

Ingingo ya 11: Iyipimo cy'umusoro

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 2 y'itegeko n° 28/2012 ryo kuwa 27/07/2012 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° 37 yo kuwa 10/09/2012):

Umusaruro usoroshwa ubarwa ku mubare uburungushyeye w'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1.000 Frw) kandi ugashoroshwa hakurikijwe imbonerahamwe ikurikira:

Umusaruro w'umwaka utangwaho umusoro (Frw)		Iyipimo cy'umusoro
Guhera ku:	kugeza ku:	
0	360.000	0 %
360.001	1.200.000	20 %
1.200.001	kuzamura	30 %

Umusoro ucishirije, ungana n'atatu ku ijana (3 %) y'ibyakurujwe mu mwaka, utangwa na ba nyir'ibikorwa by'ubucuruzi biciriritse.

Ba nyir'ibikorwa by'ubucuruzi biciriritse bashobora gusaba kureka gushoroshwa ku nyungu zicishirije, bagahitamo gushoroshwa umusoro ku nyungu nyakuri, iyo biyemeje gukora ibaruramari rikurikije amategeko abigenga. Iyo bahisemo gusora ku nyungunyakuri, icyo cyemezo ntigihinduka mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye igihe bamenyeshereje Ubuyobozi bw'Imisoro uburyo bahisemo.

Article 11: Tax Rate

(As modified and completed by article 2 of the law n°28/2012 of 27/07/2012 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G n°37 of 10/09/2012):

Taxable income is rounded to the nearest thousand (1,000) Rwandan francs and taxed according to the following table:

Annual Taxable Income (RWF)	
From	To
0	360,000
360,001	1,200,000
1,200,001	and greater than

Small enterprises must pay a lumpsum tax of three percent (3%) on annual turnover.

Small enterprises can renounce to the lumpsum imposition by opting for the real regime in carrying out accounting in compliance with national accounting plan. When they opt for the real regime, they must inform the Tax Administration and this decision is irrevocable for a period of three (3) years starting from the date the Tax administration shall be informed.

Article 11 : Taux d'imposition

(Tel que modifié et complété par l'article 2 de la loi n°28/2012 du 27/07/2012 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n°37 du 10/09/2012) :

Le revenu imposable est arrondi au millier de Francs Rwandais le plus proche et imposé selon le tableau suivant:

Revenu annuel imposable (Frw)		Taux d'imposition
De	À	
0	360.000	0 %
360.001	1.200.000	20 %
1.200.001	plus	30 %

Un taux d'imposition forfaitaire de trois pour cent (3%) est applicable au chiffre d'affaires annuel des petites entreprises.

Les petites entreprises peuvent renoncer au régime d'imposition forfaitaire en optant pour le régime réel avec la tenue d'une comptabilité conforme au plan comptable national. Lorsqu'elles optent pour le régime réel, elles doivent en informer l'Administration fiscale et cette décision est irrévocable pour une période de trois (3) ans à compter de la date à laquelle l'Administration fiscale en a été informée.

Ibikorwa by'ubucuruzi bito bitewe n'umubare w'ibyacurujwe mu mwaka byishyura umusoro ukomatanyije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka	Umusoro ukomatanyije ugomba kwishyurwa ku mwaka
Kuva kuri 2.000.000 kugera kuri 4.000.000	60.000
Kuva kuri 4.000.001 kugera kuri 7.000.000	120.000
Kuva kuri 7.000.001 kugera kuri 10.000.000	210.000
Kuva kuri 10.000.001 kugera kuri 12.000.000	300.000

Ingingo ya 12: Imenyeshamusoro

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya mbere y'itegeko n° 73/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009):

“Umuntu ku giti cye wabonye umusaruro usoreshwa ategura imenyeshamusoro ry'umwaka akurikije uburyo busobanurwa n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, akageza iryo menyeshamusoro ku Buyobozi bw'Imisoro bitarenze ku wa 31 Werurwe kw'igihe cy'umusoro gikurikiyeho.

Umusororeshwa usonerwa gukora imenyeshamusoro rya buri mwaka rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni ubona gusa:

Micro-enterprises following their Annual turnover must pay the flat amount of tax as per the table below:

Annual turnover	Annual flat amount of tax due in Rwandan francs
From 2.000.000 to 4.000.000	60.000
From 4.000.001 to 7.000.000	120.000
From 7.000.001 to 10.000.000	210.000
From 10.000.001 to 12.000.000	300.000

Article 12: Tax declaration

(As modified and completed by article one of the law n°73/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G n°19 of 11/05/2009):

“An individual who receives taxable income prepares an annual tax declaration in accordance with procedures specified by the Commissioner General and he or she presents the declaration to the Tax Administration not later than 31st March of the following tax period.

A taxpayer who is exempted from an annual tax declaration mentioned in paragraph one of this Article is one who only receives:

Les micro-entreprises suivant leur chiffre d'affaires annuel payent la taxe globale telle que présentée dans le tableau ci-dessous :

Chiffre d'affaires annuel	Taxe globale annuel à payer en Francs Rwandais
De 2.000.000 à 4.000.000	60.000
De 4.000.001 à 7.000.000	120.000
De 7.000.001 à 10.000.000	210.000
De 10.000.001 à 12.000.000	300.000

Article 12 : Déclaration d'impôt

(Tel que modifié et complété par l'article premier de la loi n°73/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n° 19 du 11/05/2009) :

“Toute personne physique percevant un revenu imposable prépare une déclaration annuelle sous la forme spécifiée par le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes et la soumet à l'administration fiscale au plus tard le 31 Mars de l'exercice fiscal suivant.

Le contribuable qui est exonéré de remplir la déclaration d'impôt annuelle prévue dans le premier alinéa de cet article est celui qui reçoit uniquement :

1° umusaruro ufatirwaho umusoro nk'uko biteganywa n'ingingo ya 48 y'iri tegeko ;

2° umusaruro ku ishoramari ujyanye n'umusoro wafatiriwe nk'uko bivugwa mu ngingo ya 51 y'iri tegeko.

Abantu ku giti cyabo batuye mu Rwanda bakira inyungu ikomoka ku kazi bayihawe n'abakoresha barenze umwe cyangwa bakira umusaruro w'iruhande ukomoka ku kazi nk'ishimwe risoza umwaka, bashobora gukora imenyeshamusoro ry'umwaka nk'uko bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kugira ngo basabe gusubizwa amafaranga y'umusoro arenga ku wo bishyuye, iyo ayo amafaranga bagomba gusubizwa arenze ibihumbi bitanu (5.000 Frw).

Umuntu ku giti cye wabonye umusaruro ukomoka ku bikorwa ageza imenyeshamusoro rye rya buri mwaka ku Buyobozi bw'Imisoro, riherekajwe n'ifoto y'umutungo n'inyandiko y'ibaruranyungu cyangwa ibaruragihombo muri icyo gihe cy'umusoro, biriho imigereka yakozwe hakurikijwe ibisabwa n'amategeko remezo y'ibaruramari ry'Igihugu, hamwe n'indi nyandiko yose ya ngombwa ijyanye na yo isabwa n' Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro. Nyamara, abasorehwa bagejeje ku mubare w'ibyacurowe ku mwaka ugenwa na Minisitiri, bashobora gusabwa kunyuzwa imenyeshamusoro n'ibaruramari byabo ku babunganira babigize umwuga kandi bemewe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro.

Amafanga y'umusoro ku musaruro agomba kwishyurwa abarwa kandi akishyurwa ku Buyobozi bw'Imisoro ku munsu watangiweho imenyeshamusoro ry'umwaka havanyweho ibi bikurikira:

1° income that is subject to withholding tax as provided for by article 48 of this law;

2° income on investment related that is subject to withholding tax as mentioned in article 51 of this law.

Resident individuals in Rwanda who receive employment income from more than one employer or who receive incidental employment income such as end of year bonus may file an annual declaration as mentioned in paragraph one of this article in order to claim a tax refund for excess income tax paid, if the tax refund payable exceeds five thousand (5,000) Rwandan francs.

An individual who receives profits generated from his or her activities files his or her annual tax declaration to the Tax Administration, accompanied by the balance sheet, profit and loss account for that tax period with annexes thereto drawn according to the requirements of the National Accounting Plan, and any other relevant requirement issued by the Commissioner General. However, taxpayers with an annual turnover to be determined by the Minister, may be obliged to have their annual tax declarations and financial statements to be certified by qualified professionals and approved by the Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority.

The amount of income tax liability should be calculated and paid to the tax administration on the day of the annual declaration, reduced by:

1° un revenu provenant d'un emploi qui a fait l'objet de la retenue à la source de l'impôt comme visé à l'article 48 de la présente loi;

2° un revenu provenant d'investissements qui ont fait l'objet de la retenue à la source visée à l'article 51 de la présente loi.

Les personnes physiques résidant au Rwanda rémunérées par plusieurs employeurs ou qui perçoivent un revenu supplémentaire de leur emploi, telle que une prime de fin d'année, peuvent remplir la déclaration annuelle visée au premier alinéa de cet article, afin de réclamer le remboursement d'impôt en cas de trop versé, si la somme à rembourser est supérieure à cinq mille (5.000 Frw)

Les personnes physiques percevant un bénéfice d'affaires soumettent à l'Administration Fiscale leur déclaration annuelle accompagnée de leur bilan, de leur compte de pertes et profits pour l'exercice fiscal, ainsi que les annexes y afférentes requises par le Plan Comptable National Rwandais, de même que tout autre document pertinent requis par le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes. Toutefois, les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est fixé par le Ministre, peuvent se voir exigés de faire certifier les états financiers et leur déclaration par les professionnels qualifiés agréés par le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes.

Le montant de l'impôt sur le revenu, qui doit être payé est calculé et payé à l'Administration Fiscale le jour de la remise de la déclaration annuelle et il est retranché de :

1° umusoro wafatiriwe ku musaruro usheshwa hakurikijwe ingingo ya 51 y'iri tegeko;	1° the tax withheld in accordance with Article 51 of this law;	1° la retenue opérée conformément à l'article 51 de la présente loi sur le revenu imposable;
2° imisoro ifatirwa hakurikijwe ingingo ya 52 y'iri tegeko;	2° the taxes withheld according to Article 52 of this law;	2° des retenues opérées conformément à l'article 52 de la présente loi;
3° amafaranga yishyuwe mbere mu gihe cy'umusoro hakurikijwe ingingo ya 31 y'iri tegeko.	3° the prepayments made during the tax period in accordance with Article 31 of this law.	3° des versements provisionnels effectués durant l'exercice fiscal en application de l'article 31 de la présente loi.

Umusoro wafatiriwe cyangwa wishyuwe mbere iyo urenga umusoro ugomba kwishyurwa ubarwa bashingiye ku gika cya 5 cy'iyi ngingo, ufatwa n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro nk'ayo kwishyura imisoro y'ibirarane cyangwa nk'ayo kwishyura imisoro yindi izaza. Iyo umusororeshwa abisabye mu nyandiko, ayo mafaranga y'ikirenga ayasubizwa n'Umuyobozi bw'Imisoro mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), uherye ku muni inyandiko isaba yagereye ku Muyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kandi bigaragara ko nta birarane asigayemo”.

A withholding tax or prepayment that exceeds the amount of tax liability, calculated on the basis of paragraph 5 of this article, it is recognized by the Commissioner General for the liquidation of tax arrears or as the payment for any future tax obligations. Upon written request by the taxpayer, the Tax Administration refunds the excess amount to the taxpayer within thirty (30) days from the day of receipt of the written request by the Commissioner General upon satisfaction that there are no tax arrears outstanding”.

Toute retenue à la source ou tout acompte qui s'avère supérieur au montant de l'impôt exigible calculé conformément à l'alinéa 5 du présent article, est pris en compte par le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes pour le règlement d'obligations fiscales antérieures ou futures. Sur demande écrite du contribuable, ce surplus est remboursé par l'administration fiscale dans les trente (30) jours à compter de la réception de la demande par le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes, après apurement des obligations fiscales antérieures”.

Icyiciro cya 2: Umusaruro ukomoka ku kazi

Section 2: Employment income

Section 2 : Revenu de l'emploi

Ingingo ya 13: Umusaruro ukomoka ku kazi

Article 13: Income from employment activities

Article 13 : Revenu de l'emploi

Umusaruro ukomoka ku kazi ugizwe n'amafaranga yose yishyurwa umukozi hamwe n'agaciro k'ibintu bihabwa umukozi bijyanye n'akazi ke, ayo mafaranga akaba ari aya akurikira:

Employment income includes all payments paid to an employee in cash or in kind such as:

Le revenu de l'emploi inclut tout paiement en espèces ou avantage en nature reçu par une personne physique à titre de rémunération, tels que :

1° ibihembo, umushahara, amafaranga yishyurwa mu gihe cy'ikiruhuko, amafaranga yishyurwa mu gihe cy'uburwayi n'agenerwa kwivuza, amafaranga atangwa mu mwanya w'ikiruhuko, amafaranga y'insimburamubyizi, amafaranga

1° wages, salary, leave pay, sick pay and medical allowance, payment in lieu of leave, fees, commissions, bonuses including gratuity and incentives;

1° les salaires, traitements, indemnités de congés, indemnités de maladie, indemnités d'annulation de congés payés, les jetons de présence, les commissions, les primes et allocations;

yishyurwa uwatumwe, amafaranga atangwaho ishimwe hamwe n'agahimbazamusyi;

2° ishimwe harimo amafaranga atangwa kubera ubuzima buhenze, ayo gutunga umukozi kure y'aho asanzwe akorera, ay'ubukode, ayo kwakira abashyitsi cyangwa ay'ingendo;

3° iyishyurwa y'ibyasohotse cyangwa isubizwa y'ibyakoreshejwe bitanzwe n'umukozi cyangwa uwo bafatanyije;

4° ibyishyurwa umukozi kubera ko yemeye gukora mu buryo budasanzwe;

5° imperekeza ihabwa umukozi igihe yirukanywe ku kazi cyangwa akazi ke karangiye cyangwa amasezerano y'akazi asheshwe;

6° ibyishyurwa biturutse ku bwiteganyirize bw'izabukuru;

7° ibindi byishyurwa ku birebana n'akazi kariho n'akakabanjirije n'akazaza.

Ingingo ya 14: Isonerwa ry'umusaruro ukomoka ku kazi

Ibyishyurwa bikurikira ntibibarwa mu musaruro ushushwa ukomoka ku kazi:

1° iyishyurwa ry'ibyasohowe cyangwa isubizwa ry'ibyakoreshejwe n'umukozi:

a. byose bigenewe ibikorwa by'umukoresha; cyangwa;

b. bivanwa cyangwa byagombaga kuvanwa mu gihe cy'ibara ry'umusaruro w'umukozi ku bikorwa bye byose;

2° allowances, including any cost of living, subsistence, rent, and entertainment or travel allowance;

3° any discharge or reimbursement of expenses incurred by the employee or an associate;

4° payments to the employee for to his or her acceptance to work in any conditions of employment;

5° payments for redundancy or loss or termination;

6° pension payments ;

7° other payments made in respect of current, previous or future employment.

Article 14: Exempt employment income

The following taxable payments are excluded from taxable income resulting from employment:

1° the discharge or reimbursement of expenses incurred by the employee:

a. wholly and exclusively for business activities of the employer;

b. those that are deducted or would be deductible in calculating the employee's income from all his or her business activities;

2° les allocations, y compris les allocations au titre du coût de la vie, les allocations de subsistance, les allocations de logement, les frais de représentation ou de déplacement ;

3° les paiements au titre de l'acquittement ou du remboursement de frais engagés par l'employé ou un associé de celui-ci ;

4° les paiements au titre de l'acceptation par l'employé de certaines conditions de travail ;

5° les indemnités de licenciement, de perte ou de résiliation du contrat de travail;

6° les pensions de retraite ;

7° les autres paiements effectués au titre d'un emploi actuel, antérieur ou futur.

Article 14 : Exonération du Revenu de l'emploi

Les paiements ci-après sont exclus du calcul du revenu imposable de l'emploi :

1° l'acquittement ou le remboursement de frais engagés par l'employé :

a. totalement et exclusivement au titre des activités d'affaires de l'employeur ;

b. ou qui sont ou seraient déductibles en calculant le revenu de l'employé tiré de toutes activités;

2° imisanzu y'ikiruhuko cy'izabukuru umukoresha ashirira umukozi mu Isanduka ya Leta y'Ubwiteganyirize bw'abakozi;

3° ibyishyurwa biturutse ku bwiteganyirize bw'abakozi bwa Leta;

4° imisanzu yo mu zabukuru umukoresha yishyurira umukozi hamwe n'imisanzu umukozi yishyura ikigega cya pansiyoni gifite ubushobozi cyabugenewe itarenze icumi ku ijana (10%) ry'umusaruro ukomoka ku kazi cyangwa miliyoni imwe ma magana abiri y'amafaranga y'u Rwanda (1.200.000 Frw) mu mwaka, hakurikijwe arusha andi kuba make;

5° umusaruro ukomoka ku kazi wabonywe n'umuntu udafite ubwenegihugu nyarwanda yishyurwa na Leta y'inyamahanga cyangwa n'umuryango utagengwa na Leta hakurikijwe amasezerano bagiranye na Leta y'u Rwanda, igihe umusaruro wakiriwe kubera imirimo y'imfashanyo yakorewe mu Rwanda;

6° umusaruro ukomoka ku kazi umukoresha udatuye mu Rwanda yishyuye umuntu ku giti cye udatuye mu Rwanda kubera za serivisi yakoze mu Rwanda, keretse iyo izo serivisi zifitanye isano n'ikigo gihoraho cy'umukoresha mu Rwanda.

Abasonerwa umusoro ku musaruro mu Rwanda nk'uko biteganwa mu masezerano mpuzamahanga, kubera serivisi zatanze mu gihe cy'imirimo yabo yemewe ni aba bakurikira:

1° umunyamahanga uhagarariye igihugu cye mu Rwanda;

2° retirement contributions made by the employer on behalf of the employee to the state social security fund;

3° pension payments made under the state social security system;

4° retirement contributions made by the employer on behalf of the employee and or contributions made by the employee to a qualified pension fund to a maximum of ten per cent (10%) of the employee's employment income or one million and two hundred thousand (1,200,000) Rwandan francs per year, whichever is the lowest;

5° employment income received by an employee who is not a citizen of Rwanda from a foreign government or a non-governmental organization under an agreement signed by the Government of Rwanda and when the income is received for the performance of aid services in Rwanda;

6° employment income received from an employer who is not a resident in Rwanda by a non-resident individual for the performance of services in Rwanda, unless such services are related to a permanent establishment of the employer in Rwanda.

Persons that are exempted from employment income in Rwanda as provided for by International Agreements due to services rendered in the exercise of their official duties are the following:

1° any foreigner who represents his or her country in Rwanda;

2° les cotisations de retraite versées par l'employeur pour le compte de l'employé dans la Caisse de Sécurité Sociale de l'Etat ;

3° les pensions de retraite versées par la caisse de sécurité sociale de l'Etat;

4° les cotisations de retraite versées par l'employeur pour le compte de l'employé et par l'employé à un fonds de pension qualifié à n'excédant pas dix pour cent (10 %) du revenu de l'emploi ou d'un million deux cents mille francs rwandais (1.200.000 Frw) par an, selon le plus petit des deux ;

5° le revenu perçu par une personne qui n'est pas de nationalité rwandaise en rémunération d'un emploi auprès d'un gouvernement étranger ou d'une organisation non gouvernementale régie par une convention signée par le gouvernement rwandais, lorsque ce revenu est perçu pour la prestation de services d'assistance au Rwanda;

6° le revenu perçu en rémunération d'un emploi auprès d'un employeur non-résident au Rwanda par des personnes non-résidentes pour la prestation de services au Rwanda, sauf si ces services sont en rapport avec un établissement stable de l'employeur au Rwanda.

Conformément aux conventions internationales, ceux qui sont exonérés de l'impôt sur le revenu perçu en rémunération de services rendus dans l'exercice de leur fonction officielle sont :

1° tout diplomate étranger ou représentant consulaire.;

2° undi muntu wese ku giti cye ukora muri Ambasade, mu biro bihagarariye igihugu cye mu Rwanda, muri Konsula cyangwa mu biro by'iyi Leta y'amahanga bikora imirimo ya Leta, w'umwenehugu w'iyi Leta kandi ufite urwandiko rw'abajya mu mahanga rw'abahagararira ibihugu byabo mu mahanga;

3° umuntu ku giti cye, utari umunyarwanda, ukoreshwa n'umuryango mpuzamahanga wagiranye amasezerano na Leta y'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

Ingingo ya 15: Umusaruro utangwa mu bintu

Haseguriwe ibiteganyijwe mu gace ka 1°, aka 2° n'aka 3° tw'iyi ngingo, umusaruro mu bintu uhabwa umukozi ushyirwa mu musaruro usoroshwa hakurikijwe agaciro k'isoko ku buryo bukurikira:

1° hongerwa ku musaruro usoroshwa amafaranga ahwanye no gutunga no gukoresha ikinyabiziga cy'akazi ku mukozi mu gihe cy'umusoro, angana, ku buryo bucishirije, na cumi ku ijana (10%) by'ibihembo bitari ibintu;

2° umusaruro ku nguzanyo, harimo n'amafaranga yishyurwa mbere ku mushahara birenze imishahara y'amezi atatu (3), zihabwa umukozi ungana n'ikinyuranyo gishobora kuboneka hagati ya:

a. inyungu ku nguzanyo yagombaga kuba yarishyurwa n'umukozi mu kwezi iyi nguzanyo yakiriwemo, izo nyungu zibazwe hakurikijwe igipimo cy'inyungu Banki Nkuru y'u Rwanda ikurikiza ku mabanki y'ubucuruzi;

2° any other individual employed in any Embassy, Legation, Consulate or Mission of a foreign state performing state affairs, who is a national of that state and who owns a diplomatic passport;

3° any non-citizen individual employed by an international organization that has signed an agreement with the Government of Rwanda in accordance with Rwandan law.

Article 15: Income on Benefits in kind

Without prejudice to provisions of points 1°, 2° and 3°, of this Article, benefits in kind received by an employee are included in taxable income in consideration of market value as follows:

1° there shall be added to the taxable income an amount meant for the availability and use of a motor vehicle to an employee during a tax period, valued at ten percent (10%) of the employment income excluding benefits in kind;

2° income on a loan including advance on a salary exceeding a three (3) months salary given to an employee is valued at a difference between:

a. the interest on loan, which would have been paid by the employee during the month in which the loan was received, calculated at a rate of interest offered to commercial banks by the National Bank

2° toute autre personne employée et exerçant des fonctions officielles dans une ambassade, une délégation, un consulat ou une mission d'un État étranger, qui a la nationalité de cet État et possède un passeport diplomatique ;

3° toute personne qui, n'étant pas de nationalité rwandaise, est employée par une organisation internationale ayant signé un accord y relatif conformément à la législation rwandaise.

Article 15 : Avantages en nature

Sous réserve des dispositions des points 1°, 2° et 3° du présent article, les avantages en nature reçus par un employé doivent être inclus dans le revenu imposable à leur valeur marchande de la manière suivante :

1° est ajouté au revenu imposable, la valeur marchande de l'avantage consistant en la mise à disposition ou l'utilisation d'un véhicule motorisé durant un exercice fiscal d'un montant forfaitaire de dix pour cent (10%) des rémunérations autres que les avantages en nature;

2° la valeur de l'avantage consistant aux prêts consentis à un employé, dont les avances sur salaire qui sont supérieures au salaire brut de trois mois (3), est égale à la différence entre:

a. le montant des intérêts qui auraient été payés par le bénéficiaire durant le mois au cours duquel l'avantage a été reçu si ces intérêts étaient payables au taux moyen pratiqué par la Banque Nationale du

	of Rwanda;	Rwanda aux banques commerciales;
b. n'inyungu nyazo zishyuwe n'umukozi muri kwa kwezi;	b. the actual interest paid by the employee in that month;	b. le montant des intérêts effectivement payés par le bénéficiaire du prêt durant ce mois;
3° hongerwa ku musaruro usoreshwa amafaranga ahwanye no gukoresha cyangwa gutura mu nzu itanzwe n'umukoresha, harimo cyangwa hatarimo ibikoresho byo mu nzu, mu gihe cy'umusoro, angana, ku buryo bucishirije, na makumyabiri ku ijana (20%) by'ibihembo bitari ibintu;	3° There shall be added to the taxable income an amount meant for use or availability for use of premises including or excluding any household equipment of other contents by an employer for residential occupation by an employee during a tax period, valued at twenty percent (20%) of the employment income excluding benefits in kind;	3° est ajouté au revenu imposable, la valeur marchande de l'avantage consistant en la mise à disposition ou l'utilisation d'un logement y compris ou non le mobilier par un employeur pour servir de résidence à un employé au cours d'un exercice fiscal d'un montant forfaitaire de vingt pour cent (20%) des rémunérations autres que les avantages en nature;
4° inyungu umukoresha ahaye umuntu ufitanye isano n'umukozi, kandi ntacyo yamukoreye, zifatwa nk'aho zihawe umukozi.	4° Benefits provided by an employer to a person related to an employee when there is no service rendered, are treated as if provided to the employee;	4° les avantages fournis par un employeur à une personne liée à l'employé, qui ne représentent pas une contrepartie du travail, sont considérés comme ayant été fournis à l'employé lui-même;
5° inyungu isosiyete ihaye umwe mu bayigize zifatwa ku buryo bumwe nk'inyungu umukoresha ahaye umukozi.	5° Benefits provided by a company to one of its members are considered in the same manner as benefits an employer gives to an employee.	5° les avantages fournis par une société à un membre de cette société sont traités de la même manière que les avantages fournis par un employeur à un employé.
Icyiciro cya 3: Inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi Ingingo ya 16: Umusaruro ukomoka ku bikorwa by'ubucuruzi	Section 3: Profits on commercial activities Article 16: Income on commercial activities	Section 3 : Bénéfices d'affaires Article 16 : Revenu d'activités d'affaires
Inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi ingana n'umusaruro wakiriwe ku bikorwa byose hakuwemo ibyasohowe byose ku birebana n'ibyo bikorwa. Inyungu ku bikorwa irimo kandi umusaruro uva mu igurisha ry'umutungo uwo ari wo wose no ku mafaranga ava mu irangizamutungo yakiriwe mu gihe cy'umusoro.	Business profit is determined as the income from all business activities reduced by all business expenses. business profit also includes proceeds of sale of any business asset and liquidation proceeds received during the tax period.	Les bénéfices d'affaires s'entendent comme le montant des recettes tirées de toutes les transactions d'affaires d'une entreprise, diminué de toutes ses dépenses. Les bénéfices d'affaires incluent aussi le produit de toute vente d'actifs de l'entreprise et des liquidations perçues pendant l'exercice fiscal.
Inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi ibarwa kuri buri gihe	Business profit is determined per tax period on the	Les bénéfices d'affaires sont déterminés par chaque

cy'umusoro hashingiwe ku ibarwa ry'inyungu cyangwa igihombo rikorwa hakurikijwe amahame remezo y'ibaruramari ry'Igihugu, hitawe ku biteganywa n'iri tegeko.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ashobora gukoresha ubundi buryo bwose bw'ibaruramari cyangwa kwifashisha andi makuru, byubahirije amategeko, mu gushakisha ukuri ku nyungu z'umusoreshwa.

Ingingo ya 16 bis: Isonerwa ku musoro ku musaruro

(Nk'uko yashyizweho n'ingingo ya mbere y'itegeko n° 24/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku muusaruro, igazeti n° Idasanze yo kuwa 28/05/2010)

Umusaruro ukomoka ku bigega by'ishoramari ry'abishyize hamwe n'imigabane y'abakozi muri sosiyete bakoramo bisonewe umusoro ku musaruro

Ingingo ya 17: Ibaruramari ku bikorwa biciriritse

Umusoreshwa ukora ibikorwa biciriritse, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 2, agace ka 3° n'ya 11 igika cya 2 z'iri tegeko, ashobora guhitamo gutanga umusoro ku nyungu nyakuri ikomoka ku mirimo y'ibikorwa, hakurikijwe ibaruramari ryoroheje rigenwa n'iteka rya Minisitiri. Uko guhitamo gushobora guhinduka nyuma y'imyaka itatu (3).

basis of the profit or loss account drawn up in accordance with the National Accounting Plan, subject to the provisions of this Law.

The Commissioner General may use any other accounting method or other source of information in accordance with the law, to ensure the accuracy of the taxpayer's profit.

«Article 16 bis: Income tax exemption

(As provided by article one of the law n°24/2010 of 28/05/2010 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on Direct Taxes On Incomes, O. G, n° Special of 28/05/2010)

Income accruing to registered collective investment schemes and employees' shares scheme are exempted from income tax”.

Article 17: Accounting for small business

A small business as mentioned in Article 2, 6° and Article 11 this law, may decide to pay a tax on profit derived from activities in accordance with intermediate accounting requirements to be determined by the order of the Minister. Such an option may be subject to change after three (3) years.

exercice fiscal sur la base du compte de pertes et profits, élaboré conformément au Plan comptable national rwandais, en considération des dispositions de la présente Loi.

Le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes peut utiliser toute autre méthode comptable ou source d'information pertinente prévue par la loi pour s'assurer de l'exactitude des bénéfices du contribuable.

«Article 16 bis: Exonération de l'impôt sur le revenu

(Tel que prévu par l'article premier de la loi n°24/2010 du 28/05/2010 modifiant et complétant la loi n° 16/2005 du 28/05/2010 Relative aux impôts directs sur le revenu, , J. O n°special du 28/05/2010)

Le revenu résultant des fonds d'investissement collectifs et des actions accordées aux employés dans la société sont exonérés d'impôt sur le revenu».

Article 17 : La comptabilité pour les petites entreprises

Le contribuable qui a une petite entreprise, tel que stipulé à l'article 2, point 3° et l'article 11 alinéa 2 de la présente loi, peut choisir d'être imposé sur ses bénéfices réels selon une méthode de comptabilité simplifiée déterminée par arrêté ministériel. Ce choix peut être revu après une période de trois (3) ans.

Ingingo ya 18: Isonerwa ry'inyungu ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi

(Nk'uko yahinduwe n'ingingo ya 2 y'itegeko n°24/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, igazeti n° Idasanzwe yo kuwa 28/05/2010)

«Inyungu ikomoka ku mirimo y'ubuhinzi n'ubworozi isonerwa umusoro, iyo amafaranga akomoka ku igurishwa ry'ibituruka ku buhinzi n'ubworozi atarengeje miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000 Frw) mu gihe cy'umusoro».

Ingingo ya 19: Inyungu ku mutungo uri mu mafaranga y'amahanga

Mu isoza ry'igihe cy'umusoro, umutungo uri mu mafaranga y'amahanga, harimo imyenda yishyuzwa cyangwa igomba kwishyurwa, uhabwa agaciro hakurikijwe agaciro ifaranga rivunjwaho ku munsu wa nyuma w'igihe cy'umusoro. Inyungu cyangwa igihombo giturutse bishyirwa mu ibarura ry'inyungu ku bikorwa ry'icyo gihe.

Ingingo ya 20: Amasezerano y'igihe kirekire

Muri iyi ngingo, “amasezerano y'igihe kirekire” bivuga amasezerano yo gukora, gushyiraho cyangwa kubaka, cyangwa gukora imirimo ifite isano na kimwe muri ibyo bikorwa atarangiye mu gihe cy'umusoro akazi kajyanye n'ayo masezerano katangiyemo, uretse amasezerano ateganyijwe kurangizwa mu mezi cumi n'abiri (12) uhereye ku itariki akazi kajyanye na yo katangiriyeho.

Inyungu y'ibikorwa ijyanye n'amasezerano y'igihe kirekire

Article 18: Exemption from tax on profit on agricultural activities

(As modified by article 2 of the Law n° 24/2010 of 28/05/2010 on direct taxes on income, O. G, n° Special of 28/05/2010)

“Income derived from agricultural and livestock activities is exempt, if the proceeds from these activities do not exceed twelve million (12,000,000) Rwandan francs in a tax period.

Article 19: Income on assets in foreign currency

During the conclusion of the tax period, the assets in foreign currency, including claims and debts, are valued at the exchange rate of the Rwandan franc to the foreign currency on the last day of the tax period. The profits or loss therein is included in the assessment of business profit for the activities for that period.

Article 20: Long-term contract

In this Article, “long term contract” means a contract for work, manufacture, installation of construction, the performance of related services, which is not completed in the tax period in which work under the contract commenced, or other than a contract estimated to be completed within the twelve months as of the date on which work under the contract commenced.

The timing of inclusion in and deduction fro

Article 18 : Exonération d'intérêt sur les activités agricoles et d'élevage

(Tel que modifié et complété par l'article 2 de la Loi n°24/2010 du 28/05/2010 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n°special du 28/05/2010)

«Le revenu provenant des activités agricoles et d'élevage est exonéré, si les recettes provenant des activités agricoles et d'élevage n'excèdent pas douze millions (12.000.000 Frw) de francs rwandais au cours d'un exercice fiscal».

Article 19 : Les intérêts sur les revenus qui sont en devises

A la clôture de l'exercice fiscal, les avoirs en devises y compris les créances et dettes, sont évalués au taux de change en vigueur le dernier jour de l'exercice fiscal. Les gains ou pertes de change en résultant sont pris en compte dans le calcul des bénéfices imposables pour cet exercice.

Article 20 : Contrats à long terme

Aux termes du présent article, l'expression «contrat à long terme» désigne un contrat de fabrication, d'installation ou de construction ou de prestations de services relatives à ces activités, qui n'est pas terminé au cours de l'exercice fiscal durant lequel il a commencé, à l'exclusion des contrats dont l'achèvement est prévu dans les douze (12) mois qui suivent leur commencement.

Le bénéfice d'affaires afférent à des contrats à long

ibarwa hashingiwe ku ijanisha ry'imirimo yarangiye mu gihe cy'umusoro.

Ijanisha ry'irangira ry'imirimo rigenwa hagereranywa amafaranga yose yatanzwe kuri ayo masezerano mbere y'uko igihe cy'umusoro kirangira, n'amafaranga yose ateganyijwe gukoreshwa mu masezerano hatirengagijwe ihinduka cyangwa ihindagurika ryabaye.

Igihombi mu gihe cy'umusoro amasezerano y'igihe kirekire arangiyemo gishobora gusubizwa inyuma cyangwa gusimbuzwa inyungu y'ibikorwa byasheshejwe mbere bijyanye n'ayo masezerano niba bidashobora guhwana n'inyungu zivuye mu bindi bikorwa muri icyo gihe cy'umusoro amasezerano arangiyemo.

Ingingo ya 21: Ibyemerewe kugabanya inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi

Mu ibarwa ry'inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi, ibikurwamo bigomba kuba byujuje ibi bikurikira:

- 1° byarakoreshejwe mu birengera inyungu y'umurimo ku buryo butaziguye kandi birebana n'icungwa risanzwe ry'imirimo;
- 2° bihuje n'ibyakoreshejwe nyabyo kandi bigaragazwa n'inyandiko ngaragazabuguzi nyazo;
- 3° biganisha ku igabanuka ry'ibigize umutungo bwite;
- 4° byarakoreshejwe mu bikorwa bijyanye n'igihe cy'umusoro kirebwa

business profit relating to a long-term contract is accounted for on the basis of the percentage of the contract completed during any tax period.

The percentage of completion is determined by comparing the total expenses allocated to the contract and incurred before the end of the tax period with the estimated total contract expenses including any variations of fluctuations.

A loss in tax period in which a long-term contract is completed may be carried back and offset against previously taxed business profit from that contract to the extent it cannot be absorbed by business profit in the tax period of completion.

Article 21: Deductible Expenses

In determining profits on business activities, a deduction for all expenses shall fulfill the following, if:

- 1° they are incurred for the direct purpose of, and in the normal course of the business;
- 2° they correspond to a real expense and can be substantiated with proper documents;
- 3° they lead to a decrease in the net assets of the business;
- 4° they are used for activities related to the tax period in which they are incurred.

terme est déterminé en fonction du pourcentage des activités réalisées pendant l'exercice fiscal considéré.

Le pourcentage de réalisation est déterminé par comparaison du total des dépenses afférentes au contrat et encourues avant la fin de l'exercice fiscal avec le total estimatif des dépenses sur toute la durée du contrat, y compris les variations ou fluctuations éventuelles.

Une perte encourue au cours de l'exercice fiscal durant lequel un contrat à long terme s'achève peut être imputée à un exercice antérieur ou déduite des bénéfices afférents à ce contrat et déjà imposés, dans la mesure où cette perte ne peut être absorbée par les bénéfices de l'exercice fiscal pendant lequel le contrat s'achève.

Article 21 : Dépenses déductibles

Lors de la détermination des bénéfices d'affaires, une déduction est autorisée au titre de toutes les dépenses remplissant les conditions suivantes :

- 1° elles sont engagées pour les besoins directs et l'exploitation normale de l'entreprise;
- 2° elles correspondent à des dépenses effectives et sont dûment prouvées par des justificatifs ;
- 3° elles entraînent une réduction des actifs nets de l'entreprise ;
- 4° elles sont incluses dans les dépenses de la période au cours de laquelle elles sont engagées.

Ingingo ya 22: Ibitemewe kuvanwa mu nyungu zisoreshwa

Nk'uko yahinduwe kandi ikuzuzwa n'ingingo ya 3 y'Itegeko n° 24/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rigena imisoro itaziguye ku musaruro ihinduwe, igazeti n° Idasanzwe yo kuwa 28/05/2010)

«Ibyasohotse bikurikira ntibivanwa mu nyungu zisoreshwa:

1° amafaranga y'ishimwe, amafaranga yishyurwa mu gihe cy'inama hamwe n'andi mafaranga yishyurwa atyo ahabwa abagize Inama y'Ubuyobozi cyangwa Inama y'Ubutegetsi;

2° inyungu z'imigabane zamenyekanishijwe hamwe n'imigabane ku nyungu yishyuwe;

3° amafaranga y'igicumbi, amafaranga azigamwe hamwe n'andi mafaranga yose agenewe ibindi byihariye, keretse biramutse byemewe ukundi n'iri tegeko;

4° amahazabu n'ibihano bisa na yo;

5° impano zirenze rimwe ku ijana (1%) y'umubare w'ibyacuujwe kimwe n'impano zihawe abantu baharanira inyungu uko zaba zingana kose;

6° umusoro ku nyungu wishyurwa hakurikijwe iri tegeko cyangwa wishyurwa mu mahanga ku nyungu ikomoka ku bucuruzi hamwe n'umusoro ku nyongeragaciro ushobora gusubizwa;

7° amafaranga asohorwa ku bw'umuntu ku giti cyeye;

8° amafaranga yo kwishimisha no kwidagadura;

Article 22 : Non-deductible expenses

(As modified and completed by article 3 of the law n°24/2010 of 28/05/2010 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G special number of 28/05/2010).

«The following expenses are not deductible from taxable profits:

1° cash bonuses, attendance fees and other similar payments made to the members of the Board of Directors;

2° dividends declared and paid-out profit shares;

3° reserve allowances, savings and other special-purpose funds, unless otherwise provided for by this Law;

4° fines and similar penalties;

5° donations and gifts exceeding one per cent (1%) of turnover as well as donations given to profit making persons irrespective of the amount;

6° income tax paid in accordance with this Law or paid abroad on business profit and recoverable Value Added tax;

7° personal consumption expenses;

8° entertainment expenses;

Article 22 : Dépenses non déductibles

(Tel que modifié et complété par l'article 3 de la loi n°24/2010 du 28/05/2010 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n° special du 28/05/2010) :

«Les dépenses suivantes ne sont pas déductibles:

1° les primes en espèces, les jetons de présence et autres paiements similaires versés aux membres du Conseil d'Administration;

2° les dividendes déclarés et les participations aux bénéfiques;

3° les contributions aux réserves, provisions et autres fonds à des fins spécifiques, à moins que la présente loi n'en dispose autrement ;

4° les amendes et autres pénalités similaires;

5° les dons qui excèdent un pour cent (1%) du chiffre d'affaires ainsi que les dons octroyés aux organismes à but lucratif quel que soit leur montant;

6° les impôts sur les bénéfiques d'affaires acquittés en application de la présente loi ou à l'étranger et la taxe sur la valeur ajoutée récupérable ;

7° les dépenses de consommation personnelle;

8° les dépenses de divertissement;

9° amafaranga yakoreshejwe mu ivuguragaciro k'ibintu n'ubwicungure bujyanye n'agaciro gashya ;

10° ibyatunze umwuga birimo nka telefoni, umuriro w'amashanyarazi n'amavuta ya lisansi bikoreshwa ku buryo inyungu z'ubucuruzi n'inyungu bwite zidashoboka gutandukanywa, igipimo cyabyo kigenwa n'amabwiriza y'Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro.

Inyungu ku nguzanyo zikomoka ku bigo bifitanye isano zirenze iyishyurwa ku mwenda ungana n'inshuro enye (4) z'igishoro ntizemerewe gukurwa mu nyungu zisoreshwa keretse iyo umusororeshwa ari umuntu ku giti cy'e. icyo gishoro ntikibarirwamo amafaranga y'igicumbi cyangwa amafaranga azigamwe agaragara mu imenyeshamutungo rikozwe hakurikijwe amategeko remezo y'ibaruramari ry'Igihugu. Iki gika ntikireba amabanki y'ubucuruzi n'amasosiyete y'ubwishingizi».

Ingingo ya 23: Ibicuruzwa biri mu bubiko

Ibicuruzwa biri mu bubiko bihabwa agaciro hakurikijwe igiciro cy'ikiguzi cyangwa igiciro cy'isoko cyo ku muni wa nyuma w'igihe cy'umusoro, hakurikijwe ikiri muni y'ikindi. Ibintu bigikorwa bihabwa agaciro hakurikijwe ikiguzi cy'ibimaze kubitangwaho.

Ingingo ya 24: Ubwicungure

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 4 y'itegeko n° 24/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo

9° expenses incurred on re-valuation of assets and related depreciation;

10° expenses paid on business overheads as in the case of telephone, electricity and fuel whose use can not be practically separable from private or non business, their rate is determined by Commissioner General of Rwanda Revenue Authority rules.

In the case of a taxpayer other than an individual, interest paid on loans and advances from related entities is not deductible to the extent that the total amount of the loans and/or advances in respect of which the interest is paid exceeds four (4) times the amount of equity, during the tax period. This equity should not include provisions and reserves according to the balance sheet, which is drawn up in accordance with the National Accounting Plan. This paragraph does not apply to commercial banks and insurance companies».

Article 23: Trading stock

Trading stock is valued at a lower of cost price or market price on the last day of the tax period. Work in progress is valued at cost price.

Article 24: Depreciation

(As modified and completed by article 4 of the law n°24/2010 of 28/05/2010 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G Special number of

9° les dépenses de réévaluation des actifs et des amortissements y afférents;

10° les dépenses payées pour les frais généraux de l'activité tels que le téléphone, l'énergie électrique et le carburant dont la consommation ne peut pas être pratiquement séparée de l'usage privé ou non lié à l'activité, leur taux est déterminé par les directives du Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes.

Lorsque le contribuable n'est pas une personne physique, les intérêts payés sur les prêts et avances reçus des entreprises liées ne sont pas déductibles lorsque le montant total de ces prêts et/ou avances est égal au cours de l'exercice fiscal, à quatre (4) fois le montant des ressources propres. Les réserves et les provisions qui apparaissent au bilan élaboré selon le plan comptable national rwandais ne sont pas incluses. Le présent paragraphe ne s'applique pas aux banques commerciales ni aux compagnies d'assurance».

Article 23 : Stocks commerciaux

Les stocks commerciaux sont évalués au prix de revient ou au prix du marché au dernier jour de l'exercice fiscal, en considérant celui qui est inférieur à l'autre. Les produits en cours sont évalués au prix de revient.

Article 24 : Amortissements

(Tel que modifié et complété par l'article 4 de la loi n°24/2010 du 28/05/2010 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n° Specil du

kuwa 28/05/2010):

«Mu ibarwa ry'inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi, ubwicungure bw'umutungo buvanwa mu nyungu zisoreshwa n'umusoreshwa.

Ubutaka, ibikorwa by'ubukorikori, ibintu bya kera, ibintu bikoze mu mabuye y'agaciro hamwe n'undi mutungo udasaza cyangwa udata agaciro ntibicungurwa.

Ikiguzi cyo kubona ikintu cyangwa cyo kubaka, hamwe n'ikiguzi cyo kunoza, cyo gusana, cyo kongera kubaka amazu, ibikoresho n'ibimashini binini biri mu nkuta bicungurwa buri mwaka, buri cyose ukwacyo hashingiwe ku gipimo cy'ubwicungure kingana na gatanu ku ijana (5%) by'agaciro byaguzweho.

Ikiguzi cyo kubona ikintu cyangwa kunoza, hamwe n'ikiguzi cyo kunononsora, cyo gusana, cyo kongera kubaka umutungo utagaragara harimo n'umutungo w'ubucuruzi uguzwe ku wundi muntu, bicungurwa buri mwaka, buri kintu ukwacyo hashingiwe ku gipimo cy'ubwicungure cy'icumi ku ijana (10%) by'agaciro byaguzweho.

Imitungo iri mu byiciro bibiri bikurikira icungurwa ishyizwe hamwe hakurikijwe ibipimo bikurikira:

1° imashini kabuhariwe n'ibijyanye na zo, ibikoresho by'itangazamakuru n'itumanaho: mirongo itanu ku ijana (50%);

2° undi mutungo wose w'Ikigo: makumyabiri na tanu ku ijana (25%).

Minisitiri w'Imari ahindura ibipimo n'ibishingirwaho mu gukora ubwicungure abinyujije mu iteka rya Minisitiri,

28/05/2010:

«In the determination of business profit, depreciation for business assets is deducted from taxable profits by the taxpayer.

Land, fine arts, antiquities, jewellery and any other assets that are not subject to wear and tear or obsolescence are not depreciated.

The cost of acquisition or construction and the cost of refining, rehabilitation, reconstruction of buildings, equipment and heavy machinery fixed in walls are depreciated annually, each on its own, on the basis of the rate of depreciation which is equivalent to five per cent (5%) of the cost price.

The cost of acquisition or development and the cost of improvement, rehabilitation, and reconstruction of intangible assets including goodwill that is purchased from a third party are depreciated annually, each on its own, on the basis of the rate of depreciation of ten percent (10%) of the cost price.

The assets in the following two categories are depreciated in a pooling system on the basis of the following rates:

1° computers and accessories, information and communication systems, software products and data equipment: fifty percent (50 %);

2° all other business assets: twenty five percent (25%).

The Minister of Finance shall, by way of a Ministerial Order and basing on internationally

28/05/2010) :

« Lors de la détermination des bénéfices imposables, l'amortissement des actifs de l'entreprise est déduit du résultat imposable par le contribuable.

Les terrains, les œuvres d'art, les objets antiques, les bijoux et les autres actifs qui ne sont pas sujets à détérioration et à l'obsolescence ne sont pas amortissables.

Les coûts d'acquisition ou de construction ainsi que les coûts d'amélioration, de rénovation et de reconstruction, des équipements et des machines lourdes fixés aux murs, sont amortis annuellement et individuellement selon le taux d'amortissement de cinq pour cent (5 %) du prix de revient.

Les coûts d'acquisition ou de développement ainsi que les coûts d'amélioration, de rénovation et de reconstruction des actifs incorporels, dont le fonds de commerce acquis d'un tiers, sont amortis annuellement et individuellement selon le taux d'amortissement de dix pour cent (10%) du prix de revient.

Les actifs des deux catégories ci-après sont amortis par groupes aux taux suivants :

1° les ordinateurs et leurs accessoires, les systèmes d'information et de communication: cinquante pour cent (50%) ;

2° tous les autres actifs de l'entreprise : vingt cinq pour cents (25 %).

Le Ministre des Finances procède à la révision des taux et critères d'amortissement par voie d'Arrêté

ashingiye ku mahame ngenderwaho akoreshwa mu ibaruramari ku rwego mpuzamahanga».

Ku bijyanye n'ibikoresho by'itangazamakuru n'itumanaho bifite ubuzima burengeje imyaka 10, Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro agena ibipimo by'ubwicungure bwabyo.

Ubwicungure bw'imitungo iri mu ikodesha-gurisha bwemererwa ukoresha uwo mutungo iyo ari ikodesha-gurisha rigamije ahanini igurisha bukanemererwa nyirugukodesha iyo ari ikodesha-gurisha rigamije ahanini ikodesha”.

Ingingo ya 25: Agacirofatizo n'ubwicungure

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 5 y'itegeko n° 24/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° Idasanze yo kuwa 28/05/2010):

“Ifatizo ry'ubwicungure ni ikiguzi cyo kubona ikintu.

Ariko, ku bijyanye n'imitungo icungurwa ishyizwe hamwe, ifatizo ry'ubwicungure ni agaciro ko mu gitabo kari mu ifoto y'umutungo mu ntangiriro y'igihe cy'umusoro:

- 1° hiyongereyeho ikiguzi cy'umutungo wabonywe cyangwa wamwe hamwe n'ikiguzi cyo kunoza, cyo gusana no kongera kubaka uwo mutungo mu gihe cy'umusoro;
- 2° hagabanyijweho igiciro cy'umutungo wagurishijwe

recognized accounting standards revise depreciation rates».

The Commissioner General of Rwanda Revenue Authority determines the depreciation rates for information and communication system assets whose lifespan exceeds ten (10) years.

Depreciation of leased assets shall be allowed to the lessee in case of finance lease and to the lessor in case of operating lease”.

Article 25: Basic value rates and depreciation

(As modified and completed by article 5 of the law n°24/2010 of 28/05/2010 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G Special number of 28/05/2010:

“The depreciation basis for assets is the acquisition value.

However, for the assets depreciated in the pooling system, their depreciation basis is the book value in the balance sheet at the beginning of the tax period:

- 1° increased by the cost of assets acquired or created and the cost of improvement, renewal and reconstruction of the assets in the tax period;
- 2° decreased by the sale price of assets

Ministériel en se référant aux normes internationales en matière comptable».

Pour les actifs du système de l'information et de communication dont la durée de vie dépasse dix (10) ans, le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes détermine les taux correspondants de leur amortissement.

L'amortissement des actifs faisant l'objet du crédit-bail est permis à l'utilisateur de l'actif en cas de crédit-bail financier et au bailleur en cas de crédit-bail d'opération”.

Article 25 : La base d'amortissement

(Tel que modifié et complété par l'article 5 de la loi n°24/2010 du 28/05/2010 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n° Specil du 28/05/2010) :

“La base d'amortissement des actifs est la valeur d'acquisition.

Cependant, pour les biens amortis par groupes, la base d'amortissement est la valeur comptable telle qu'enregistrée dans le bilan à l'ouverture de l'exercice fiscal :

- 1° augmentée du coût des actifs acquis ou créés et des coûts d'amélioration, renouvellement et reconstruction des actifs de la catégorie durant l'exercice fiscal ;
- 2° diminuée du prix de vente des actifs cédés

hamwe n'indishyi yakiriwe mu gihombo cy'umutungo cyatewe n'ibyago kamere cyangwa n'irindi hinduka ribaye mu gihe cy'umusoro.

disposed of and the compensation received for the loss of assets due to natural calamities or other conversion during the tax period.

et des indemnités reçues pour la perte d'actifs résultant de catastrophes naturelles ou d'autres transformations durant l'exercice fiscal.

Iyo agaciro fatizo k'ubwicingure kari muni ya zero (0), uwo mubare wongerwa ku nyungu y'ubucuruzi hanyuma agaciro fatizo k'ubwicingure kagahinduka zero (0).

If the depreciation basis is less than zero (0), that amount is added to the business profit and thereafter the depreciation basis becomes zero (0).

Si la base d'amortissement est un montant négatif, ce montant est ajouté aux bénéfices et la base d'amortissement devient nulle (0).

Iyo agaciro fatizo k'ubwicingure katarenze amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw), ayo mafaranga yose afatwa nk'ibyemerewe kuvanwa ku nyungu y'ibikorwa by'ubucuruzi"

If the depreciation basis does not exceed five hundred thousand (500,000) Rwandan francs, the entire depreciation basis is a deductible business expense".

Si la base d'amortissement n'excède pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw), la totalité de la base d'amortissement constitue une charge d'exploitation déductible".

Ingingo ya 26: Ubworohezwe mu ishoramari

Article 26: Investment allowance

Article 26 : Provisions pour investissement

Ubworohezwe mu ishoramari bwa mirongo ine ku ijana (40%) by'imari yashowe mu mitungo mishya cyangwa yakoze ishobora gucungurwa hatarimo imodoka zitwara abantu batageze ku munani (8), uretse izikoreshwa gusa mu bukerarugendo, bwemerewe kuvanwaho ku mushoramari wiyandikishije mu gihe cy'umusoro cya mbere uwo mutungo waguriweho cyangwa watangiriye gukoreshwa iyo:

An investment allowance of forty percent (40%) of the invested amount in new or used assets may be depreciated excluding motor vehicles that carry less than eight (8) persons, except those exclusively used in a tourist business is deductible for a registered investor in the first tax period of purchase and/or of use of such an assets if:

Une provision pour investissement de quarante pour cent (40 %) du montant investi dans des actifs neufs ou usagés amortissables, à l'exclusion des véhicules pouvant transporter moins de huit (8) passagers, sauf ceux qui sont utilisés uniquement à des fins touristiques, pour un investisseur enregistré, sont déductibles pendant le premier exercice fiscal au cours duquel ces actifs ont été acquis ou mis en service, si :

1° umubare w'imari washowe ku mitungo nibura ungana n'amafaranga miliyoni mirongo itatu (30.000.000 Frw); kandi

1° the amount of business assets invested is equal to thirty million (30,000,000) Rwandan francs; and,

1° le montant investi par actif est au moins égal à trente millions (30.000.000 Frw) ; et

2° uwo mutungo ugumye mu kigo, nibura, mu gihe cy'imyaka itatu (3) y'isoresha nyuma y'igihe ubworohezwe bwatangiweho.

2° the business assets are held at the establishment for at least three (3) tax periods after the tax period in which the investment allowance was taken into consideration.

2° si ces actifs sont conservés pendant au moins trois (3) exercices fiscaux, après que la provision pour investissement a été prise en compte.

Ubworohezwe buba mirongo itanu ku ijana (50%) ku bashoramari bakorera ahantu mu cyaro hari hanze y'Umujyi wa Kigali cyangwa bashoye amafaranga mu bikorwa byihariye nk'uko bivugwa mu itegeko rigenga

The investment allowance becomes fifty (50%) if the registered business is located outside Kigali or falls within the priority sectors determined by the

Cette provision est de cinquante pour cent (50%) pour les investisseurs opérant en milieu rural en dehors de la Ville de Kigali ou dans les secteurs

ishoramari mu Rwanda.

Ubworoherezwe mu ishoramari bugabanya agaciro k'ikintu cyangwa k'inyubako byaboneweho, hamwe n'agacirofatizo k'ubwicungure bw'umutungo ushyizwe hamwe.

Iyo umutungo wabonye ubworoherezwe mu ishoramari utanzwe mbere y'ibiteganywa mu gace ka 2° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo, igabanuka ry'umusoro ku musaruro ritewe n'ubworoherezwe mu ishoramari, hiyongereyeho inyungu ibarirwa ku ijanisha, rikoresha ku bakererewe kwishyura imisoro ya buri kwezi, uherye ku gihe iryo yoroherezwa ryatangiwe kugeza igihe uwo mutungo utangiwe, rigomba gusubizwa Ubuyobozi bw'Imisoro, keretse uwo mutungo iyo wavuyemo bitewe n'ibyago kamere cyangwa n'irindi hinduka riturutse ku mpanuka.

Ingingo ya 27: Ibitangwa ku mahugurwa no ku bushakashatsi biteza imbere ibikorwa

Ibyasohowe byose n'umusoreshwa byamenyeshejwe kandi byemeranyijweho mbere mu mahugurwa no ku bushakashatsi biteza imbere ibikorwa mu gihe cy'umusoro bifatwa nk'ibikorwa mu nyungu zisoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 21 y'iri tegeko.

Ibitangwa ku mahugurwa, mu bushakashatsi no ku guteza imbere ibikorwa, nk'uko bikoreshwa muri iyi ngingo ntibireba ibijyanye n'igurwa ry'ubutaka, iry'amazu, iry'inyubako, n'ibindi bitimukanwa, harimo no kunoza, gusana no kongera kubaka, hamwe n'ibitangwa mu gushakashaka ibintu n'indi mitungo.

Investment Code of Rwanda.

The investment allowance reduces the acquisition or construction cost, as well as the basic depreciation value of pooled business assets.

If the business asset that is granted an investment allowance is disposed before the end of the period mentioned in point 2° paragraph one, the reduction of income tax caused by the investment allowance, increased by an interest and penalties applicable to taxpayers who do not pay tax on time, starting from when that investment allowance was granted to the time of disposal, must be paid back to the Tax Administration unless such an asset is removed due to natural calamities or other involuntary conversion.

Article 27: Training and research expenses

All Training and Research expenses incurred and declared as agreed by a taxpayer and declared and earlier agreed and which promote activities during a tax period are considered as deductible from taxable profits in accordance with provisions of Article 21 of this law.

Expenses on training, research and on promotion of activities as applied in this Article do not concern the purchase of land, of houses, of buildings and other immovable properties including refining, rehabilitation and reconstruction as well as exploration expenses and other assets.

prioritaires déterminés par le Code des investissements du Rwanda.

La provision pour investissement est déduite des coûts d'acquisition ou de construction ainsi que de la base d'amortissement des actifs groupés.

Si l'actif qui a donné lieu à une provision pour investissement est cédé avant la fin de la période visée au point 2° du premier alinéa de cet article, sauf à la suite d'une catastrophe naturelle ou d'une autre transformation involontaire, la réduction d'impôt née de la provision pour investissement doit être remboursée à l'Administration Fiscale, augmentée d'un intérêt appliqué en cas de retard dans la déclaration d'impôt pour chaque mois entre la prise en compte de la provision pour investissement et la date de la cession de l'actif.

Article 27 : Dépenses de formation et de recherche visant le développement des activités

Toutes les dépenses de formation et de recherche pour le développement des activités encourues par un contribuable déclarées et approuvées avant la formation durant un exercice fiscal sont déductibles comme charges d'exploitation selon les dispositions de l'article 21 de la présente loi.

Aux fins du présent article, les dépenses de formation et de recherche pour le développement des activités ne concernent pas les coûts d'acquisition y compris l'amélioration, la rénovation et la reconstruction de terrains, bâtiments, locaux et installations et autres immeubles, ainsi que les dépenses pour la

recherche des biens et autres patrimoines.

Ingingo ya 28: Imyenda itizewe kwishyurwa

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 4 y'itegeko n° 73/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009):

“Mu ibarwa ry'inyungu y'ibikorwa, hemerwa ivanwaho ry'amafaranga ajyanye n'umwenda utizewe kwishyurwa iyo hujwe ibi bikurikira:

1° umubare w'amafaranga ujyanye n'uwo mwenda wabariwe mbere mu nyungu y'umusoreshwa;

2° umwenda uhanaguwe mu ibaruramari ry'umusoreshwa; hamwe

3° n'iyoye umusoreshwa yakoze ibishoboka byose mu kwishyura kandi agaragaza ibimenyetso simusiga by'uko umubereyemo umwenda atagifite ubushobozi bwo kwishyura.

Hatitawe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, amabanki y'ubucuruzi n'ibigo byemerewe gukora imirimo y'ikodeshagurisha byemerewe kuvana ku ibarwa ry'inyungu y'ibikorwa, iyongerwa iryo ari ryo ryose ry'amafaranga y'igicumbi ku myenda itazishyurwa, nk'uko bisabwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru y'Igihugu yerekeye imicungire y'inguzanyo z'amabanki n'ibindi bigo bisa na zo. Inyungu y'ibikorwa yongerwaho amafaranga yose yishyurwe aturutse ku myenda itari yizewe kwishyurwa yavanywe kuri ayo mafaranga y'igicumbi“.

Article 28: Bad Debts

(As modified and completed by article 4 of the law n°73/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, O. G n° 19 of 11/05/2009):

“In the determination of business profit, a deduction is allowed for bad debts if the following conditions are fulfilled:

1° if an amount corresponding to the debt was previously included in the income of the taxpayer;

2° if the debt is written off in the books of accounts of the taxpayer; and

3° if the taxpayer has taken all possible steps in pursuing payment and has shown concrete proofs that the debtor is insolvent.

Notwithstanding paragraph one of this Article, commercial banks and leasing entities duly licensed as such are allowed to deduct in the determination of business profit, any increase of the mandatory reserve for non performing loans as required by the directives related to management of bank loans and similar institutions of the National Bank of Rwanda. The business profit is increased by the entire amount recovered from bad debts deducted from such reserves”.

Article 28 : Créances irrécouvrables

(Tel que modifié et complété par l'article 4 de la loi n°73/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu, J. O n° 19 du 11/05/2009) :

« Lors de la détermination des bénéfices imposables, une déduction pour créance irrécouvrable est autorisée pour autant que les conditions ci-après soient réunies :

1° un montant correspondant à cette créance a été auparavant inclus dans le revenu du contribuable ;

2° la créance est annulée dans la comptabilité du contribuable ; et

3° le contribuable a entrepris toutes les démarches raisonnables pour recouvrer la somme due et a des preuves irréfutables attestant que le créancier est devenu insolvable.

Nonobstant les dispositions du paragraphe premier du présent article, les banques commerciales et les entités dûment agréées dans les activités de crédit-bail sont autorisées à déduire de leurs bénéfices toute augmentation des réserves obligatoires pour les engagements non performants requise par la Banque Nationale du Rwanda en rapport avec la gestion des engagements des crédits des banques et autres établissements financiers. Les bénéfices d'affaires sont augmentés de toute somme

recouvrée sur les créances irrécouvrables tirée de ces réserves ».

Ingingo ya 29: Iyimuragihombo

Iyo ibarwa ry'inyungu y'ibikorwa ryerekanye igihombo mu gihe cy'umusoro, icyo gihombo gishobora kuvanwa mu nyungu y'ibikorwa y'ibihe by'umusoro bitanu (5) bikurikiyeho, ibihombo bya mbere bikavanwamo mbere y'ibihombo bya nyuma.

Mu gihe cy'umusoro, ibihombo bikomoka mu mahanga ntibishobora kugabanya inyungu z'ibikorwa by'ubucuruzi zikomoka imbere mu gihugu cyangwa ngo zibe zagabanya inyungu zizaza zikomoka imbere mu gihugu.

Iyo mu gihe cy'umusoro, habaye ihinduka, haba mu gaciro cyangwa mu mubare w'imigabane, ringana cyangwa rirenze makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) ry'umutungo w'imigabane, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, mu burenganzira bwo gutora bw'isosiyete ifite imigabane idacuruzwa ku isoko ry'imari ryemewe, ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku birebana n'ibihombo byagizwe n'iyi sosiyete mu gihe cy'umusoro no mu bihe by'umusoro byashize.

Ingingo ya 30: Ibiciro bishyirwaho n'abantu bafitanye isano mu bikorwa by'ubucuruzi

Iyo abantu bafitanye isano bakora ibikorwa by'ubucuruzi harimo n'ubw'amafaranga hagati yabo, bemeranyije cyangwa umwe yemereye undi ibitari gushoboka iyo baba bakora buri wese ku giti cye, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ashobora gutegeka, akurikije amabwiriza ya Minisitiri, ko inyungu z'umwe cyangwa za benshi muri abo bantu bafitanye isano zigomba

Article 29: Loss Carried Forward

If the determination of business profit results in a loss in a tax period, the loss may be deducted from the business profit in the next five (5) tax periods, earlier losses being deducted before later losses.

During a tax period, foreign sourced losses can neither reduce domestic sourced business profits nor can they reduce future domestic sourced business profits.

If during a tax period, the direct and indirect ownership of the share capital or the voting rights of a company, which shares are not traded on a recognized stock exchange changes more than twenty five per cent (25%) by value or by number, paragraph one of this Article ceases to apply to losses incurred by that company in the tax period and previous tax periods.

Article 30: Transfer Pricing

Where conditions are made or imposed between related persons carrying out business in their commercial or financial relations which differ from those which would be made between independent persons, the Commissioner General, in accordance with regulations issued by the Minister, may direct that the income of one or more of those related

Article 29 : Report des pertes

Si la détermination des bénéfices d'affaires fait apparaître une perte pour un exercice fiscal, celle-ci peut être déduite des bénéfices au cours des cinq (5) exercices fiscaux suivants, les pertes les plus anciennes étant prises en compte avant les pertes les plus récentes.

Les pertes d'origine étrangère ne peuvent ni réduire les bénéfices d'origine rwandaise pour le même exercice fiscal ni être déduites des bénéfices futurs d'origine rwandaise.

Si, au cours d'un exercice fiscal, une modification, en valeur ou en nombre, de vingt-cinq pour cent (25 %) ou plus intervient dans la propriété directe ou indirecte du capital social ou des droits de vote d'une société dont les actions ne sont pas négociées sur un marché boursier reconnu, les dispositions du premier paragraphe du présent article ne s'appliquent plus aux pertes encourues par cette société pendant cet exercice fiscal et pendant les exercices fiscaux antérieurs.

Article 30 : Prix fixés par des personnes liées dans les activités commerciales

Lorsque des personnes liées se livrant entre elles à des activités commerciales ou financières acceptent ou se voient imposer des conditions autres que celles qui le seraient entre des personnes indépendantes, le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes peut ordonner, en se conformant aux directives du Ministre, que le

kongerwaho inyungu abo bantu bagombye kuba baragize iyo baba bakora buri wese ku giti cye.

Kugira ngo iyi ngingo ikurikizwe neza, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ashobora kumvikana mbere n'abantu bakora imirimo y'ubucuruzi, harimo n'ubw'amafaranga, hitawe ku ngingo zakwemeranywa bibaye ngombwa, kugira ngo abantu bafitanye isano bafatwe nk'abantu bakora buri wese ku giti cye.

Ingingo ya 31: Amafaranga yishyurwa mbere buri gihembwe

(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 5 y'itegeko n° 73/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009:

“Mu gihe cy'umusoro kiriho, umusoreshwa yishyura mbere kuri konti y'Ubuyobozi bw'Imisoro, bitarenze ku wa 30 Kamena, ku wa 30 Nzeli no ku wa 31 Ukuboza z'umwaka w'ibikorwa bisoreshwa, makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'umusoro ugomba kwishyurwa, hakurikijwe uko wabazwe mu imenyeshya ry'igihe cy'umusoro rishize. Ayo mafaranga, yishyurwa mbere, abarwa hakuwemo umusoro ufatirwa muri icyo gihembwe, hakurikijwe ingingo ya 51 n'ya 52 z'iri tegeko.

Iyo umusoreshwa akoresheje igihe cy'umusoro kidahuje n'umwaka usanzwe, amafaranga yishyurwa mbere buri

persons is to include profits which he/she or they would have made if he/she or they operated as independent persons.

